

<p>UMUSHINGA W'ITEKA RYA MINISITIRI N° RYO KU WA RISHYIRAHO AMABWIRIZA RUSANGE AGENGA IHEREREKANYA RY'IBICIRO</p>	<p>DRAFT MINISTERIAL ORDER N° OF..... ESTABLISHING GENERAL RULES ON TRANSFER PRICING</p>	<p>PROJET D'ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° DU ÉTABLISSANT LES DIRECTIVES GÉNÉRALES SUR LES PRIX DE TRANSFERT</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE</p>	<p><u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS</p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES</p>
<p><u>Ingingo ya mberere:</u> icyo iri teka rigamije</p>	<p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p>	<p><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 2:</u> Ibirebwa n'iri teka</p>	<p><u>Article 2:</u> Scope of this Order</p>	<p><u>Article 2:</u> Champ d'application du présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 3:</u> Ibisobanuro by'amagambo</p>	<p><u>Article 3:</u> Definitions</p>	<p><u>Article 3:</u> Définitions</p>
<p><u>UMUTWE WA II:</u> IGERERANYA RY'IBIKORWA BY'UBUCURUZI</p>	<p><u>CHAPTER II:</u> COMPARABILITY OF COMMERCIAL TRANSACTIONS</p>	<p><u>CHAPITRE II:</u> COMPARAISON DES TRANSACTIONS COMMERCIALES</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Ibikorwa by'ubucuruzi bigereranywa</p>	<p><u>Article 4:</u> Comparable transactions</p>	<p><u>Article 4:</u> Transactions comparables</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Ibikorwa bisaba gukorerwa ihuzwa ry'ibiciro</p>	<p><u>Article 5:</u> Transactions subject to adjustment of prices</p>	<p><u>Article 5:</u> Transactions sujettes aux ajustements des prix</p>
<p><u>Ingingo ya 6:</u> Ibigenderwaho mu igereranya</p>	<p><u>Article 6:</u> Comparability factors</p>	<p><u>Article 6:</u> Facteurs de comparaison</p>

<p><u>Ingingo ya 7:</u> Kwirengagiza igikorwa cy'ubucuruzi kigenzurwa ku mpamvu z'imisoro</p>	<p><u>Article 7:</u> Disregarding a controlled transaction for tax purposes</p>	<p><u>Article 7:</u> Ignorer une transaction contrôlée à des fins fiscales</p>
<p><u>UMUTWE WA III:</u> IYUBAHIRIZWA RY'IHAME RY'IHIGANWA RISESUYE, INYANDIKO N'IHUZWA RY'IBICIRO RYA NGOMBWA</p>	<p><u>CHAPTER III:</u> COMPLIANCE WITH ARM'S LENGTH PRINCIPLE, DOCUMENTATION AND NECESSARY ADJUSTMENTS OF PRICES</p>	<p><u>CHAPITRE III:</u> CONFORMITÉ AVEC LE PRINCIPE DE PLEINE CONCURRENCE, DOCUMENTATION, ET AJUSTEMENTS NÉCESSAIRES DE PRIX</p>
<p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Iyubahirizwa ry'ihame ry'ihiganwa risesuye</p>	<p><u>Section One:</u> Compliance with arm's length principle</p>	<p><u>Section première:</u> Conformité avec le principe de pleine concurrence</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Ibiciro by'ihiganwa risesuye</p>	<p><u>Article 8:</u> Arm's length prices</p>	<p><u>Article 8:</u> Prix de pleine concurrence</p>
<p><u>Icyiciro cya 2:</u> Uburyo bwo gushyiraho ibiciro by'ihiganwa risesuye</p>	<p><u>Section 2:</u> Methods of determining arm's length prices</p>	<p><u>Section 2:</u> Méthodes de détermination des prix de pleine concurrence</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Uburyo bwo kugereranya ibiciro bitaganzurwa</p>	<p><u>Article 9:</u> Comparable uncontrolled price method</p>	<p><u>Article 9:</u> Méthode des prix non contrôlés comparables</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Uburyo bw'igiciro cyo kugurisha icyaguzwe</p>	<p><u>Article 10:</u> Resale price method</p>	<p><u>Article 10:</u> Méthode du prix de revente</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Uburyo bw'ikiguzi cyongereweho inyungu</p>	<p><u>Article 11:</u> Cost plus method</p>	<p><u>Article 11:</u> Méthode du coût majoré</p>
<p><u>Ingingo ya 12:</u> Uburyo bw'inyungu nyakuri ku gikorwa cy'ubucuruzi</p>	<p><u>Article 12:</u> Transactional net margin method</p>	<p><u>Article 12:</u> Méthode transactionnelle de la marge nette</p>
<p><u>Ingingo ya 13:</u> Uburyo bwo kugabana inyungu</p>	<p><u>Article 13:</u> Transactional profit split method</p>	<p><u>Article 13:</u> Méthode transactionnelle du partage du bénéfice</p>

<u>Ingingo ya 14:</u> Ikoreshwa ry'ubundi buryo	<u>Article 14:</u> Use of alternative method	<u>Article 14:</u> Utilisation d'une méthode alternative
<u>Ingingo ya 15:</u> Guhitamo umuntu wifashishwa mu kugeraranya urwunguko	<u>Article 15:</u> Selection of tested party	<u>Article 15:</u> Choix de la partie testée
<u>Ingingo ya 16:</u> Intera y'ihiganwa risesuye	<u>Article 16:</u> Arm's length range	<u>Article 16:</u> Intervalle de pleine concurrence
<u>Icyiciro cya 3:</u> Inyandiko n'amakuru	<u>Section 3:</u> Documentation and information	<u>Section 3:</u> Documentation et information
<u>Ingingo ya 17:</u> Inyandiko	<u>Article 17:</u> Documentation	<u>Article 17:</u> Documentation
<u>Ingingo ya 18:</u> Ururimi inyandiko zitangwamo	<u>Article 18:</u> Language of documentation	<u>Article 18:</u> Langue de documentation
<u>Ingingo ya 19:</u> Igihe cyo gutegura inyandiko	<u>Article 19:</u> Time of preparing documentation	<u>Article 19:</u> Temps de préparer la documentation
<u>Ingingo ya 20:</u> Abasoreshwa basonewe inshingano yo gutegura inyandiko	<u>Article 20:</u> Taxpayers discharged from the obligation to prepare documentation	<u>Article 20:</u> Contribuables libérés de l'obligation de préparer la documentation
<u>Ingingo ya 21:</u> Inkomoko y'amakuru ku bikorwa by'ubucuruzi bitagenzurwa bigereranywa	<u>Article 21:</u> Sources of information on uncontrolled comparable transactions	<u>Article 21:</u> Sources d'information sur les transactions comparables non contrôlées
<u>Ingingo ya 22:</u> Uburyo serivisi hagati y'abantu bafitanye isano zikurikiza ihiganwa risesuye	<u>Article 22:</u> Consistency of services between related persons with the arm's length principle	<u>Article 22:</u> Conformité des services entre personnes liées selon le principe de pleine concurrence
<u>Ingingo ya 23:</u> Ibikorwa birebana n'umutungo udafatika	<u>Article 23:</u> Transactions involving intangible property	<u>Article 23:</u> Transactions impliquant les biens incorporels

<p><u>Icyiciro cya 4:</u> Ihuzwa ry'ibiciro rya ngombwa</p> <p><u>Ingingo ya 24:</u> Ihuzwa ry'ibiciro rya ngombwa mu gihe hatubahirijwe ihame ry'ihiganwa risesuye</p> <p><u>Ingingo ya 25:</u> Ihuzwa rikurikiza ibikorwa by'ubucuruzi by'imbere mu gihugu</p> <p><u>Ingingo ya 26:</u> Ihuzwa rikurikiza ibikorwa by'ubucuruzi mpuzamahanga</p> <p><u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 27:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p> <p><u>Ingingo ya 28:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Section 4:</u> Necessary adjustments of prices</p> <p><u>Article 24:</u> Necessary adjustments of prices in case of non-compliance with the arm's length principle</p> <p><u>Article 25:</u> Corresponding adjustments for domestic transactions</p> <p><u>Article 26:</u> Corresponding adjustments for international transactions</p> <p><u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 27:</u> Repealing provision</p> <p><u>Article 28:</u> Commencement</p>	<p><u>Section 4:</u> Ajustements nécessaires des prix</p> <p><u>Article 24:</u> Ajustements nécessaires des prix en cas de non conformité du principe de pleine concurrence</p> <p><u>Article 25:</u> Ajustements correspondants aux transactions nationales</p> <p><u>Article 26:</u> Ajustements correspondants aux transactions internationales</p> <p><u>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES</u></p> <p><u>Article 27:</u> Disposition abrogatoire</p> <p><u>Article 28:</u> Entrée en vigueur</p>
---	--	---

<p>UMUSHINGA W'ITEKA RYA MINISITIRI N° RYO KU WA RISHYIRAHO AMABWIRIZA RUSANGE AGENGA IHEREREKANYA RY'IBICIRO</p>	<p>DRAFT MINISTERIAL ORDER N° OF ESTABLISHING GENERAL RULES ON TRANSFER PRICING</p>	<p>PROJET D'ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° DU ÉTABLISSANT LES DIRECTIVES GÉNÉRALES SUR LES PRIX DE TRANSFERT</p>
<p>Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;</p>	<p>The Minister of Finance and Economic Planning;</p>	<p>Le Ministre des Finances et de la Planification Économique;</p>
<p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;</p>
<p>Ashingiye ku Itegeko n° 016/2018 ryo ku wa 13/04/2018 rishyiraho imisoro ku musaruro, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 33;</p>	<p>Pursuant to Law n° 016/2018 of 13/04/2018 establishing taxes on income, especially in Article 33;</p>	<p>Vu la Loi n° 016/2018 du 13/04/2018 établissant les impôts sur le revenu, spécialement en son article 33;</p>
<p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa, imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p>	<p>After consideration and approval by the Cabinet, in its session of</p>	<p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du</p>
<p>ATEGETSE:</p>	<p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTE:</p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE</p>	<p><u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS</p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES</p>
<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamiye</p>	<p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p>	<p><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</p>
<p>Iri teka rishyiraho amabwiriza rusange agenga ihererekanya ry'ibiciro hagati y'abantu bafitanye isano bakora ibikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa.</p>	<p>This Order establishes general rules on transfer pricing between related persons involved in controlled transactions.</p>	<p>Le présent arrêté établit les directives générales sur les prix de transfert entre les personnes liées qui font des transactions contrôlées.</p>

<p><u>Ingingo ya 2: Ibirebwa n’iri teka</u></p> <p>Iri teka rireba ibikorwa by’ubucuruzi bigenzurwa cyangwa bifatwa nk’ibikorwa by’ubucuruzi bigenzurwa mu bihe bikurikira:</p> <p>1° iyo umwe mu bantu bakorana ibyo bikorwa by’ubucuruzi ari mu Rwanda kandi akaba agomba kwishyura umusoro mu Rwanda naho undi akaba ari umuntu bafitanye isano uri mu Rwanda cyangwa hanze y’u Rwanda;</p> <p>2° iyo umuntu udatuye mu Rwanda akoze igikorwa cy’ubucuruzi mu buryo buziguye cyangwa butaziguye n’uwo bafitanye isano udatuye mu Rwanda, icyo gikorwa cy’ubucuruzi kikaba kireba icyicaro gihoraho kiri mu Rwanda cy’umwe muri abo bantu;</p> <p>3° iyo umuntu utuye mu Rwanda akoze igikorwa cy’ubucuruzi n’umuntu utuye mu gihugu cyangwa agace k’igihugu ubuyobozi bw’imisoro bufata nk’aho bigendera ku mahirwe yo kudasora cyangwa gusora umusoro muto, abo bantu baba bafitanye isano cyangwa batayifitanye;</p>	<p><u>Article 2: Scope of this Order</u></p> <p>This Order applies to controlled transactions or considered controlled transactions in the following circumstances:</p> <p>1° when one of the persons involved in the transactions is located in Rwanda and subject to tax in Rwanda while the other is a related person located in or outside Rwanda;</p> <p>2° when a person not resident in Rwanda engages directly or indirectly in a transaction with a related person not resident in Rwanda if the transaction is in relation to a permanent establishment in Rwanda of one of the two related persons;</p> <p>3° when a person resident in Rwanda engages in a transaction with a person located in a country or a place where the tax administration considers to provide a beneficial tax regime, whether or not such persons are related persons;</p>	<p><u>Article 2: Champ d’application du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté s’applique aux transactions contrôlées ou aux transactions considérées comme contrôlées dans des circonstances suivantes:</p> <p>1° lorsque l’une des personnes impliquées dans les transactions est située au Rwanda et assujettie à l’impôt au Rwanda alors que l’autre est une personne liée située au Rwanda ou en dehors du Rwanda;</p> <p>2° lorsqu’une personne qui ne réside pas au Rwanda effectue directement ou indirectement une transaction avec une personne liée qui ne réside pas au Rwanda si la transaction concerne un établissement stable situé au Rwanda de l’une des deux personnes liées;</p> <p>3° lorsqu’une personne qui réside au Rwanda effectue une transaction avec une personne située dans un pays ou dans une partie d’un pays que l’administration fiscale considère comme bénéficiant d’un régime fiscal avantageux, indépendamment du fait que ces personnes soient ou non liées;</p>
--	---	---

<p>4° iyo umuntu utuye mu gihugu cyangwa agace k'igihugu ubuyobozi bw'imisoro bufata nk'aho bitanga amahirwe yo kudasora cyangwa gusora umusoro muto, akoze igikorwa cy'ubucuruzi kireba icyicaro gihoraho cy'umuntu udatuye mu Rwanda, abo bantu baba bafitanye isano cyangwa batayifitanye.</p>	<p>4° when a person who is located in a country or a place where the tax administration considers to provide a beneficial tax regime, engages in a transaction that relates to a permanent establishment of a person who does not reside in Rwanda whether or not the two persons are related.</p>	<p>4° lorsqu'une personne qui réside dans un pays ou dans une partie d'un pays que l'administration fiscale considère comme bénéficiaire d'un régime fiscal avantageux, effectue une transaction concernant un établissement stable d'une personne qui ne réside pas au Rwanda, indépendamment du fait que les deux personnes soient liées.</p>
<p><u>Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo</u></p>	<p><u>Article 3: Definitions</u></p>	<p><u>Article 3: Définitions</u></p>
<p>Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:</p>	<p>In this Order, the following terms are defined as follows:</p>	<p>Dans le présent arrêté, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:</p>
<p>1° ikimenyetso cy'imiterere y'imari: ibimenyetso by'inyungu ku gaciro k'ibyashowe, inyungu rusange cyangwa inyungu nyakuri;</p>	<p>1° financial indicator: mark-up on costs, gross margin or net profit;</p>	<p>1° indicateur financier: marge sur coûts, marge brute ou bénéfice net;</p>
<p>2° ishusho rusange y'ibikorwa by'ubucuruzi bw'umusoreshwa: uko ubucuruzi bwatangiye, uko bwagiye butera imbere mu gihe cya vuba n'ishusho rusange y'amasoko ya ngombwa y'icyitegererezo;</p>	<p>2° overview of the taxpayer's business operations: history, recent evolution and general overview of the relevant markets of reference;</p>	<p>2° vue d'ensemble des activités commerciales du contribuable: historique, évolution récente et aperçu général des marchés pertinents de référence;</p>
<p>3° imiterere y'itsinda ry'amasosiyete: amakuru arambuye y'amasosiyete yose agize itsinda, imiterere yayo mu rwego rw'amategeko n'abanyamigabane bayo;</p>	<p>3° corporate organisational structure of the group: details of all group members, their legal form and their shareholding;</p>	<p>3° structure organisationnelle du groupe de sociétés: détails de tous les membres du groupe, leur forme juridique et leurs actionnaires;</p>

<p>4° imbonerahamwe y'ibikorwa by'itsinda ry'amasosiyete: ibisobanuro rusange by'uruhare rwa buri sosiyete igize itsinda mu bikorwa by'itsinda bya ngombwa ku bikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa;</p> <p>5° raporo y'imenyekanisha igihugu ku gihugu: raporo y'isosiyete kuri za guverinoma yerekana imibare ijyanye n'imisoro n'andi makuru yerekeye imari igihugu ku gihugu;</p> <p>6° umuntu ufitanye isano n'undi: umuntu uwo ari we wese ukora cyangwa ushobora gukora akurikije amabwiriza, ibitekerezo cyangwa ibyifuzo by'undi muntu ayo mabwiriza, ibyo bitekerezo cyangwa ibyo byifuzo baba babimenyeshejwe cyangwa batabimenyeshejwe. By'umwihariko, abantu bakurikira bafatwa nk'abantu bafitanye isano:</p> <p>a. umuntu ku giti cye hamwe n'uwo bashakanye, abo bakomokaho ku buryo butaziguye cyangwa ababakomokaho ku buryo butaziguye n'abafitanye isano nabo ku buryo buziguye kugeza nibura ku gisanira cya gatatu;</p>	<p>4° corporate group's operational structure: general description of the role that each of the group members carries out with respect to the group's activities as relevant to the controlled transactions;</p> <p>5° country by country report: report by a company to governments, of tax figures and other financial data on a country-by-country basis;</p> <p>6° related person: any person who acts or is likely to act in accordance with the directives, opinion or intentions of another person whether such directives, opinion or intentions are communicated or not communicated to them. In particular, the following persons are regarded as related persons:</p> <p>a. an individual and his or her spouse and their direct lineal ascendants or direct lineal descendants and their relatives in collateral lineage to at least third degree;</p>	<p>4° structure opérationnelle du groupe de sociétés: description générale du rôle que chacun des membres du groupe joue dans des activités du groupe en rapport avec les transactions contrôlées;</p> <p>5° rapport de déclaration pays par pays: rapport par une entreprise aux gouvernements, des chiffres d'impôt et d'autres données financières pays par pays;</p> <p>6° personne liée: toute personne qui agit ou qui est susceptible d'agir selon les directives, avis ou souhaits d'une autre personne que ces directives, avis ou souhaits leur sont exprimés ou non. En particulier, les personnes suivantes sont considérées comme personnes liées:</p> <p>a. une personne physique et son conjoint et leurs ascendants en ligne direct ou leurs descendants en ligne direct et leurs membres de famille en ligne collatérale jusqu'au 3^{ème} degré au moins;</p>
--	---	---

<p>b. umwe mu bantu ugira uruhare rutaziguye cyangwa ruziguye mu micungire, ubugenzuzi cyangwa igishoro by'undi;</p> <p>c. undi muntu ugira uruhare ku buryo butaziguye cyangwa buziguye mu micungire, ubugenzuzi cyangwa igishoro cyangwa byombi by'undi muntu;</p> <p>d. abantu bavugwa mu gace ka a), b) na c) bagira uruhare rutaziguye cyangwa ruziguye mu micungire, ubugenzuzi cyangwa igishoro by'ikigo;</p> <p>7° umuntu wifashishwa mu kugereranya urwunguko: ikigo aho uburyo bwo gushyiraho ibiciro by'ihiganwa risesuye bushobora gukoreshwa mu buryo bwizewe kandi ibigereranywa byizewe bishobora kuboneka;</p> <p>8° amahirwe yo kudasora cyangwa gusora umusoro muto: amategeko y'imisoro yo mu gihugu cyangwa agace k'igihugu kigenga mu bijyanye n'imisoro, arangwa na kimwe muri ibi bikurikira:</p>	<p>b. a person who participates directly or indirectly in the management, control or capital of another;</p> <p>c. a third person who participates directly or indirectly in the management, control or capital or both control and capital of another;</p> <p>d. persons referred to under sub-items a), b) and c) who participate directly or indirectly in the management, control or capital of an enterprise;</p> <p>7° tested party: entity to which a transfer pricing method can be applied in the most reliable manner and for which the most reliable comparables can be found;</p> <p>8° beneficial tax regime: tax legislation of a country or any other tax jurisdiction characterised by any of the following:</p>	<p>b. l'une des personnes qui participe directement ou indirectement dans la gestion, le contrôle ou capital d'une autre;</p> <p>c. une tierce personne qui participe directement ou indirectement dans la gestion, le contrôle ou capital ou les deux d'une autre personne;</p> <p>d. les personnes visées aux sous-points a), b) et c) qui participent directement ou indirectement dans la gestion, le contrôle ou capital d'une entreprise;</p> <p>7° partie testée: entreprise à laquelle une méthode de détermination de prix de transfert peut être appliquée de la manière la plus fiable et pour laquelle les comparabilités les plus fiables peuvent être trouvées;</p> <p>8° régime fiscal avantageux: législation fiscale d'un pays ou de tout autre ressort fiscal caractérisée par l'un des faits suivants:</p>
--	--	---

<p>a. kudaca umusoro ku musaruro cyangwa kuwusoresha ku gipimo kitarenze makumyabiri ku ijana (20%);</p> <p>b. gusonera umusoro abantu ku giti cyabo cyangwa amasosiyete y'ubucuruzi adafite icyicaro mu gihugu;</p> <p>c. kudasaba umusororeshwa ko agira igikorwa cy'ubukungu gifatika muri icyo gihugu cyangwa ako gace k'igihugu;</p> <p>d. kudashyiraho umusaruro ukomoka hanze y'igihugu cyangwa kuwusoresha ku gipimo kitarenze makumyabiri ku ijana (20%);</p> <p>e. kutemerera kugera ku makuru areba imiterere y'ibigo by'ubucuruzi, kugira uburenganzira ku mutungo cyangwa uburenganzira cyangwa ibikorwa by'ubukungu.</p>	<p>a. not to tax income or to tax it at a maximum rate of twenty percent (20 %);</p> <p>b. to grant tax breaks to non-resident individuals or companies;</p> <p>c. not to require a taxpayer substantial economic activity within this country or tax jurisdiction;</p> <p>d. not to tax foreign-sourced income or to tax it at a maximum rate of twenty percent (20%);</p> <p>e. not to allow access to information about the corporate structure of legal entities, the ownership of assets or rights or economic transactions.</p>	<p>a. ne pas imposer l'impôt sur le revenu ou l'imposer à un taux maximum de vingt pourcent (20%);</p> <p>b. accorder des dispenses fiscales à des personnes physiques ou des sociétés commerciales non résidentes;</p> <p>c. ne pas exiger le contribuable l'activité économique importante dans ce pays ou cette juridiction fiscale;</p> <p>d. ne pas imposer un revenu de source étrangère ou l'imposer à un taux maximum de vingt pourcent (20%);</p> <p>e. ne pas autoriser l'accès aux informations relatives à la structure d'entreprise des personnes morales, à la propriété d'actifs ou de droits ou à des transactions économiques.</p>
--	---	---

UMUTWE WA II: IGERERANYA RY'IBIKORWA BY'UBUCURUZI	CHAPTER II: COMPARABILITY OF COMMERCIAL TRANSACTIONS	CHAPITRE II: COMPARAISON DES TRANSACTIONS COMMERCIALES
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Ibikorwa by'ubucuruzi bigereranywa</p>	<p><u>Article 4:</u> Comparable transactions</p>	<p><u>Article 4:</u> Transactions comparables</p>
<p>Igikorwa cy'ubucuruzi kitagenzurwa kigereranywa n'igikorwa cy'ubucuruzi kigenzurwa iyo:</p>	<p>An uncontrolled transaction is comparable to a controlled transaction if:</p>	<p>Une transaction non contrôlée est comparable à une transaction contrôlée lorsque:</p>
<p>1° nta tandukaniro riri hagati yabyo rishobora kugira ingaruka zikomeye ku bigenderwamo birebwa mu buryo bwo gushyiraho ibiciro by'ihiganwa risesuye mu kugena ihererekanya ry'ibiciro;</p> <p>2° iryo tandukaniro rivugwa mu gace ka 1° k'iyi ngingo rihari, ihuzwa ry'igereranya riboneye rikorwa ku by'ingenzi biranga ibikorwa by'ubucuruzi bitagenzurwa kugira ngo havanweho ingaruka z'iryo tandukaniro.</p>	<p>1° there is no difference between them that could materially affect the factors being examined under the appropriate transfer pricing method;</p> <p>2° such a difference referred to in item 1° of this Article exists, a reasonably accurate comparability adjustment is made to the relevant factors of the uncontrolled transaction in order to eliminate the effects of such a difference.</p>	<p>1° il n'y a pas une différence entre elles qui peut matériellement affecter les facteurs examinés en vertu de la méthode appropriée de détermination des prix de transfert;</p> <p>2° cette différence visée au point 1° du présent article existe, un ajustement de comparabilité suffisamment précis est apporté aux facteurs pertinents de la transaction non contrôlée afin d'éliminer les effets de cette différence.</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Ibikorwa bisaba gukorerwa ihuzwa ry'ibiciro</p>	<p><u>Article 5:</u> Transactions subject to adjustment of prices</p>	<p><u>Article 5:</u> Transactions sujettes aux ajustements des prix</p>
<p>Ibikorwa bisaba gukorerwa ihuzwa ry'ibiciro birimo:</p>	<p>Transactions subject to adjustment of prices include:</p>	<p>Les transactions sujettes aux ajustements des prix incluent:</p>
<p>1° igurisha, igura cyangwa itangwa nta kiguzi ry'ibicuzwa;</p>	<p>1° sale, purchase or transfer of goods for free;</p>	<p>1° la vente, l'achat ou la cession à titre gratuit des biens;</p>

<p>2° igurisha, igura, itanga nta kiguzi cyangwa ikodesha ry'imitungo ifatika;</p> <p>3° igurisha, igura, itanga nta kiguzi, itanga cyangwa ihabwa ry'uburenganzira bwo gukoresha imitungo idafatika;</p> <p>4° itanga rya serivisi;</p> <p>5° iguriza cyangwa igurizwa ry'amafaranga;</p> <p>6° ikindi gikorwa cy'ubucuruzi cyose cyagira ingaruka ku nyungu cyangwa ku gihombo cy'umuntu bireba.</p>	<p>2° sale, purchase, transfer of goods for free or lease of tangible assets;</p> <p>3° sale, purchase, transfer for free, giving or receiving the right to use intangible assets;</p> <p>4° provision of services;</p> <p>5° lending or borrowing of money;</p> <p>6° any other transaction which may affect the profit or loss of the concerned person.</p>	<p>2° la vente, l'achat, la cession à titre gratuit ou la location des actifs corporels;</p> <p>3° la vente, l'achat, la cession à titre gratuit, la cession ou l'acquisition d'un droit d'usage des actifs incorporels;</p> <p>4° la prestation de services;</p> <p>5° le prêt ou l'emprunt d'argent;</p> <p>6° toute autre transaction qui peut affecter le profit ou la perte de la personne concernée.</p>
<p><u>Ingingo ya 6: Ibigenderwaho mu igereranya</u></p>	<p><u>Article 6: Comparability factors</u></p>	<p><u>Article 6: Facteurs de comparaison</u></p>
<p>Mu kwemeza niba ibikorwa by'ubucuruzi bibiri (2) cyangwa byinshi byagereranywa, hitawe ku kamaro k'ubukungu bifite ku bikorwa n'ibihe by'igikorwa cy'ubucuruzi, ibintu bikurikira byitabwaho:</p>	<p>In determining whether two (2) or more transactions are comparable to the extent that they are economically relevant to the facts and circumstances of the transaction, the following factors are to be considered:</p>	<p>Pour déterminer si deux (2) ou plusieurs transactions sont comparables, dans la mesure où elles sont économiquement pertinentes aux faits et circonstances de la transaction, les facteurs suivants sont pris en considération:</p>
<p>1° imiterere y'umutungo, ibicuruzwa cyangwa serivisi byatanzwe cyangwa byashyitse aho bigomba kujya;</p> <p>2° imirimo yakozwe na buri muntu wagize uruhare mu gikorwa cy'ubucuruzi,</p>	<p>1° characteristics of the property, goods or services transferred or supplied;</p> <p>2° functions performed by each person involved in the transaction taking</p>	<p>1° les caractéristiques de la propriété, des biens ou services transférés ou livrés;</p> <p>2° les fonctions exercées par chaque personne impliquée dans la</p>

<p>hitawe ku gaciro k'ibintu byakoreshejwe n'ingaruka zabayeho;</p> <p>3° ingingo zikubiye mu masezerano y'igikorwa cy'ubucuruzi;</p> <p>4° uburyo bw'ubukungu igikorwa cy'ubucuruzi cyabayemo;</p> <p>5° ingamba z'ubucuruzi zafashije abafitanye isano mu gikorwa cy'ubucuruzi kigenzurwa.</p>	<p>into account assets used and risks assumed;</p> <p>3° contractual terms of the transaction;</p> <p>4° economic circumstances in which the transaction took place;</p> <p>5° the business strategies pursued by the related persons in relation to the controlled transaction.</p>	<p>transaction en considérant les biens utilisés et les risques assumés;</p> <p>3° les clauses contractuelles de la transaction;</p> <p>4° les circonstances économiques dans lesquelles la transaction a eu lieu;</p> <p>5° les stratégies commerciales utilisées par les personnes liées en relation avec la transaction contrôlée.</p>
<p>Mu rwego rwo kumenya niba ibikorwa bibiri (2) bigereranywa, isaranganywa ry'ingaruka hagati y'abantu bafitanye isano rigomba kwita ku buryo izo ngaruka zifatika mu rwego rw'ubukungu zisaranganyijwe mu masezerano hagati y'abo bantu kandi hitawe ku:</p>	<p>For purposes of determining whether two (2) transactions are comparable, the allocation of risks between related persons must take into account the way the economically significant risks are allocated in contracts between those persons and taking into account:</p>	<p>Afin de déterminer si deux (2) transactions sont comparables, la répartition des risques entre les personnes liées doit tenir compte de la façon dont les risques économiquement significatifs sont répartis dans les contrats entre ces personnes et compte tenu de:</p>
<p>1° umuntu wirengera ingaruka mu by'imari;</p> <p>2° umuntu ukora igenzura ry'ingaruka zifatika n'ibikorwa bigabanya ubukana bwazo;</p> <p>3° umuntu ufite ubushobozi mu rwego rw'imari bwo kwirengera ingaruka.</p>	<p>1° the person who assumes the financial risk;</p> <p>2° the person who performs significant risk control and risk mitigation functions;</p> <p>3° the person who has the financial capacity to assume the risk.</p>	<p>1° la personne qui assume le risque financier;</p> <p>2° la personne qui réalise le contrôle des risques pertinents et les fonctions d'atténuation des risques;</p> <p>3° la personne qui a la capacité financière d'assumer le risque.</p>
<p>Iyo umuntu wasezeranye kwirengera ingaruka atazigenzura cyangwa adafite ubushobozi mu rwego rw'imari bwo kwirengera ingaruka, izo</p>	<p>If a person who contractually assumes the risk does not control the risk or does not have the financial capacity to assume the risk, the</p>	<p>Lorsqu'une personne qui assume contractuellement le risque ne contrôle pas le risque ou n'a pas la capacité financière</p>

<p>ngaruka zigomba guhererezwa ku muntu uzigenzura kandi ufite ubushobozi mu rwego rw'imari bwo kuzirengera. Ku mpamvu z'imisoro, umuntu wasezeranye kwirengera ingaruka ntahabwa inyungu zijyanye n'izo ngaruka.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Kwirengagiza igikorwa cy'ubucuruzi kigenzurwa ku mpamvu z'imisoro</u></p> <p>Iyo mu gikorwa cy'ubucuruzi, ibyumvikanyweho n'abantu bafitanye isano bitandukanye n'ibyo abandi badafitanye isano bumvikanyeho mu buryo bw'ubucuruzi kandi mu bihe bisa n'ibyo aba mbere barimo, igihe bumvikanye birinda gushyiraho igiciro cyashoboraga kubabera bombi igihe bakoranaga igikorwa cy'ubucuruzi, icyo gikorwa cy'ubucuruzi nk'uko cyateguwe n'umusoreshwa gishobora kwirengagizwa ku mpamvu z'imisoro. Muri icyo gihe, mu buryo bw'ihiganwa risesuye, icyo gikorwa cy'ubucuruzi gifatwa nk'aho kitabayeho.</p>	<p>risk must be allocated to the person who controls the risk and who has the financial capacity to assume the risk. For tax purposes, the person who contractually assumes risks can not be allocated the profits associated with those risks.</p> <p><u>Article 7: Disregarding a controlled transaction for tax purposes</u></p> <p>If the arrangements made in relation to a transaction between related persons differ from those arrangements between independent persons behaving in a commercially rational manner in comparable circumstances, they refrain from determining the price that is acceptable to both of the parties at the time of entering into the transaction, the transaction as structured by the taxpayer may be disregarded for tax purposes. In such a case, the arm's length position would be as if the transaction had not occurred.</p>	<p>d'assumer le risque, le risque doit être alloué à la personne qui contrôle le risque et qui a la capacité financière d'assumer le risque. A des fins fiscales, la personne qui assume contractuellement le risque ne doit pas se voir allouer les bénéfices associés à ces risques.</p> <p><u>Article 7: Ignorer une transaction contrôlée à des fins fiscales</u></p> <p>Si les arrangements effectués dans le cadre d'une transaction entre personnes liées diffèrent de ceux adoptés par des personnes indépendantes qui se comportent d'une manière commercialement rationnelle dans des circonstances comparables, empêchant ainsi la détermination d'un prix qui serait acceptable pour les deux parties au moment de la conclusion de la transaction, la transaction structurée par le contribuable peut être ignorée à des fins fiscales. Dans ce cas, la situation de pleine concurrence serait comme si la transaction n'a pas eu lieu.</p>
---	--	---

<p>UMUTWE WA III: IYUBAHIRIZWA RY’IHAME RY’IHIGANWA RISESUYE, INYANDIKO N’IHUZWA RY’IBICIRO RYA NGOMBWA</p>	<p>CHAPTER III: COMPLIANCE WITH ARM’S LENGTH PRINCIPLE, DOCUMENTATION AND NECESSARY ADJUSTMENTS OF PRICES</p>	<p>CHAPITRE III: CONFORMITÉ AVEC LE PRINCIPE DE PLEINE CONCURRENCE, DOCUMENTATION, ET AJUSTEMENTS NÉCESSAIRES DE PRIX</p>
<p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Iyubahirizwa ry’ihame ry’ihiganwa risesyuye</p>	<p><u>Section One:</u> Compliance with arm’s length principle</p>	<p><u>Section première:</u> Conformité avec le principe de pleine concurrence</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Ibiciro by’ihiganwa risesyuye</p>	<p><u>Article 8:</u> Arm’s length prices</p>	<p><u>Article 8:</u> Prix de pleine concurrence</p>
<p>Iyo umuntu akoze igikorwa cy’ubucuruzi kigenzurwa, agomba kugaragaza igiciro n’inyungu bikomoka kuri icyo gikorwa cy’ubucuruzi, mu buryo bwubahirije ihame ry’ihiganwa risesyuye.</p>	<p>If a person enters into a controlled transaction, he or she must determine the price and margin resulting from the transaction, in a manner that complies with the arm’s length principle.</p>	<p>Lorsqu’une personne entre dans une transaction contrôlée, elle doit déterminer le prix et la marge résultant de la transaction, dans la manière conforme au principe de pleine concurrence.</p>
<p>Mu kwemeza niba ibyavuye mu gikorwa cy’ubucuruzi kigenzurwa byubahirije ihame ry’ihiganwa risesyuye, uburyo bwo gushyiraho ibiciro by’ihiganwa risesyuye bwita kuri ibi bikurikira:</p>	<p>In determining whether the result of a controlled transaction complies with the arm’s length principle, the appropriate transfer pricing method takes into account the following:</p>	<p>Pour déterminer si le résultat d’une transaction contrôlée est conforme au principe de pleine concurrence, la méthode appropriée de détermination des prix de transfert tient compte de ce qui suit:</p>
<p>1° imbaraga n’itege nke by’uburyo bwo gushyiraho ibiciro by’ihiganwa risesyuye, bitewe n’imiterere y’igikorwa cy’ubucuruzi kigenzurwa;</p>	<p>1° strength and weaknesses of the transfer pricing methods, depending on the nature of the controlled commercial transaction;</p>	<p>1° les forces et faiblesses respectives des méthodes appropriées de détermination des prix de transfert, selon la nature de la transaction contrôlée;</p>
<p>2° umwihariko w’uburyo bwo gushyiraho ibiciro by’ihiganwa risesyuye ushingiyeye ku miterere y’igikorwa cy’ubucuruzi kigenzurwa, hifashishijwe isesengura</p>	<p>2° particularity of the transfer pricing method taking into consideration the nature of the controlled transaction, through an analysis of the transaction</p>	<p>2° la particularité de la méthode appropriée de détermination des prix de transfert en tenant en considération la nature de la transaction contrôlée, à</p>

<p>ry'igikorwa cy'ubucuruzi cyakozwe hitawe ku mitungo yakoreshejwe no ku ngaruka zirengerwa na buri wese mu bahuriye ku gikorwa cy'ubucuruzi kigenzurwa;</p> <p>3° ukuboneka kw'amakuru yizewe akenewe mu gukoresha uburyo bwatoranyijwe bwo gushyiraho ibiciro by'ihiganwa risesuye;</p> <p>4° igipimo cy'igereranya hagati y'ibikorwa bigenzurwa n'ibikorwa bitagenzurwa, harimo ukwizerwa kw'ihuzwa rishobora gukenerwa kugira ngo hakurweho ikinyuranyo hagati yabyo.</p>	<p>undertaken taking into account assets used and risks assumed by each person involved in the controlled transaction;</p> <p>3° availability of reliable information necessary in applying the selected transfer pricing methods;</p> <p>4° degree of comparability between the controlled and uncontrolled transactions, including the reliability of adjustments that may be required to eliminate differences between them.</p>	<p>travers une analyse de la transaction tenant compte des actifs engagés et des risques assumés par chaque personne impliquée dans la transaction contrôlée;</p> <p>3° la disponibilité des informations fiables nécessaires dans l'application des méthodes sélectionnées de détermination des prix de transfert;</p> <p>4° le degré de comparaison entre les transactions contrôlées et les transactions non contrôlées, y compris la fiabilité des ajustements nécessaires pour éliminer leur disparité.</p>
<p><u>Icyiciro cya 2:</u> Uburyo bwo gushyiraho ibiciro by'ihiganwa risesuye</p>	<p><u>Section 2:</u> Methods of determining arm's length prices</p>	<p><u>Section 2:</u> Méthodes de détermination des prix de pleine concurrence</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Uburyo bwo kugereranya ibiciro bitagenzurwa</p>	<p><u>Article 9:</u> Comparable uncontrolled price method</p>	<p><u>Article 9:</u> Méthode des prix non contrôlés comparables</p>
<p>Uburyo bwo kugereranya ibiciro bitagenzurwa bugereranya igiciro cy'umutungo, icy'ibicuruzwa cyangwa icya serivisi byatanzwe mu gikorwa cy'ubucuruzi kigenzurwa n'igiciro cy'umutungo, icy'ibicuruzwa cyangwa cya serivisi byatanzwe mu igereranya ry'igikorwa cy'ubucuruzi kitagenzurwa kandi byakozwe mu bihe byagereranywa.</p>	<p>The comparable uncontrolled price method consists in comparing the price charged on property, goods or services transferred or supplied in a controlled transaction to the price charged on property, goods or services transferred or supplied in a comparable uncontrolled transaction and done in comparable circumstances.</p>	<p>La méthode des prix non contrôlés comparables consiste à comparer le prix d'une propriété, d'un bien ou d'un service transféré ou livré dans le cadre d'une transaction contrôlée au prix d'une propriété, d'un bien ou d'un service transféré ou livré dans le cadre d'une comparabilité d'une transaction non contrôlée et réalisée dans des circonstances comparables.</p>

<p><u>Ingingo ya 10: Uburyo bw'igicro cyo kugurisha icyaguzwe</u></p> <p>Uburyo bw'igicro cyo kugurisha icyaguzwe butangirira ku gicro ikintu cyari cyaguzweho ku muntu ufitanye isano n'undi kigurishijweho ku wo badafitanye isano.</p> <p>Igicro kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kivanwamo inyungu mbumbe nyakuri yaturutse mu igurishwa rya kabiri, iboneka hagendewe ku nyungu mbumbe yaboneka mu igereranya ry'ibikorwa bitagenzurwa bigaragaza amafaranga uwongera kugurisha yifuzaga gukuramo kugira ngo yisubize ibyo yasohoye mu byakozwe hitawe ku mitungo yakoresheje n'ingaruka yirengereye kugira ngo agere ku nyungu ikwiye.</p> <p>Nyuma yo guhuza ibiciro by'ibindi byakoreshejwe mu kugura igicuruzwa, amafaranga asigara nyuma yo gukuramo inyungu mbumbe afatwa nk'igicro cy'ihiganwa risesuye ku igurisha rya mbere ryabaye hagati y'abantu bafitanye isano.</p> <p>Icyakora, inyungu ku gicro cyo kongera kugurisha mu gikorwa cy'ubucuruzi kigenzurwa, iboneka hagendewe ku nyungu ku gicro uwongera kugurisha ubwe abona mu igereranya ry'ibikorwa bitagenzurwa.</p>	<p><u>Article 10: Resale price method</u></p> <p>The resale price method begins with the price at which a product that has been purchased from a related person is resold to an independent person.</p> <p>The price referred to in Paragraph One of this Article is reduced by an appropriate gross margin from resale, determined by reference to gross margins in uncontrolled comparable transactions representing the amount out of which the reseller would seek to cover the expenses related to the transactions taking into account assets used and risks assumed to make an appropriate profit.</p> <p>After adjustment for other costs associated with the purchase of the product, the remaining amount after deducting the gross margin is regarded as an arm's length price for the original transfer between the related persons.</p> <p>However, the resale price margin in a controlled transaction is determined by reference to the resale price margin that the same reseller earns in uncontrolled comparable transactions.</p>	<p><u>Article 10: Méthode du prix de revente</u></p> <p>La méthode du prix de revente a pour point de départ le prix auquel un produit acheté à une personne liée est revendu à une personne indépendante.</p> <p>Le prix visé à l'alinéa premier du présent article est réduit d'une marge brute appropriée provenant de la revente, déterminée par référence à la marge brute des transactions non contrôlées comparables représentant le montant sur lequel le revendeur couvrirait ses dépenses liées aux transactions en tenant compte des actifs utilisés et des risques assumés, pour réaliser un bénéfice approprié.</p> <p>Après l'ajustement des autres coûts liés à l'achat du produit, le montant restant après déduction de la marge brute est considéré comme un prix de pleine concurrence pour le transfert initial entre les personnes liées.</p> <p>Toutefois, la marge sur le prix de revente dans une transaction contrôlée est déterminée en référence à la marge que le même revendeur réalise dans les transactions non contrôlées comparables.</p>
---	---	---

<p>Inyungu ku giciro cyo kongera kugirisha kandi iboneka hagendewe ku nyungu ku giciro cyo kongera kugurisha yabonywe n'umuntu udafitanye isano n'undi mu igereranya ry'ibikorwa bitagenzurwa.</p> <p><u>Ingingo ya 11: Uburyo bw'ikiguzi cyongereweho inyungu</u></p> <p>Uburyo bw'ikiguzi cyongereweho inyungu butangirira ku gaciro k'ibyashowe n'uwatanze umutungo, ibicuruzwa cyangwa serivisi mu gikorwa cy'ubucuruzi kigenzurwa.</p> <p>Inyungu ikwiriye ishyirwa ku gaciro k'ibyashowe byose kugira ngo haboneke urwunguko, hitawe ku mirimo yakozwe n'imiterere y'isoko. Ikivuyemo gifatwa nk'igiciro cyo ku isoko ry'ihiganwa risesuye ku gikorwa cy'ubucuruzi cya mbere kigenzurwa.</p> <p>Inyungu ishyirwa ku gaciro k'ibyashowe n'ugurisha mu bikorwa bigenzurwa iboneka hagendewe ku nyungu ku kiguzi ugurisha abona mu bikorwa bitagenzurwa bigereranywa n'igikorwa cy'ubucuruzi cyakozwe cyangwa ku nyungu ku kiguzi umuntu udafitanye isano n'undi abona mu bikorwa by'ubucuruzi bigereranywa.</p>	<p>The resale price margin is also determined by reference to the resale price margin earned by an independent person in uncontrolled comparable transactions.</p> <p><u>Article 11: Cost plus method</u></p> <p>The cost plus method begins with the costs incurred by the supplier of property, goods or services in a controlled transaction.</p> <p>An appropriate cost plus mark up is added to the costs incurred to make an appropriate profit, taking into account the functions performed and the market conditions. The result is regarded as an arm's length price of the original controlled transaction.</p> <p>The cost plus mark up of the supplier in the controlled transaction is established by reference to the cost plus mark up that the same supplier earns in uncontrolled comparable transactions or to the cost plus mark up that an independent person earns in comparable transactions.</p>	<p>La marge sur le prix de revente est déterminée en référence à la marge sur le prix de revente réalisée par une personne indépendante dans les transactions non contrôlées comparables.</p> <p><u>Article 11: Méthode du coût majoré</u></p> <p>La méthode du coût majoré a pour point de départ les coûts encourus par le fournisseur de propriété, des biens ou services dans une transaction contrôlée.</p> <p>Une augmentation appropriée du coût majoré est ajoutée aux coûts encourus pour obtenir un bénéfice approprié, compte tenu des fonctions exercées et des conditions du marché. Le résultat obtenu est considéré comme le prix de pleine concurrence pour la transaction initiale contrôlée.</p> <p>L'augmentation du coût majoré du fournisseur dans une transaction contrôlée est établie en se référant à l'augmentation du coût majoré réalisée par le même fournisseur dans les transactions non contrôlées comparables ou à l'augmentation du coût majoré réalisée par une personne indépendante dans des transactions comparables.</p>
--	--	--

<p><u>Ingingo ya 12: Uburyo bw'inyungu nyakuri ku gikorwa cy'ubucuruzi</u></p> <p>Uburyo bw'inyungu nyakuri ku gikorwa cy'ubucuruzi bukoreshwa hagereranywa inyungu nyakuri igendanye n'ifatizo rikwiye nk'ingano y'ibyakoreshejwe, ibyacuujwe cyangwa imitungo byabonywe n'umuntu mu gikorwa cy'ubucuruzi kigenzurwa n'inyungu nyakuri yabonywe mu kindi gikorwa cy'ubucuruzi kitagenzurwa kigereranywa.</p>	<p><u>Article 12: Transactional net margin method</u></p> <p>The transactional net margin method consists of comparing the net profit margin related to the appropriate base such as costs, sales or assets that a person achieves in a controlled transaction with the net profit margin achieved in a comparable uncontrolled transaction.</p>	<p><u>Article 12: Méthode transactionnelle de la marge nette</u></p> <p>La méthode transactionnelle de la marge nette consiste à comparer la marge du profit net relative à la base appropriée tel que les coûts, les ventes ou les actifs qu'une personne réalise dans une transaction contrôlée avec la marge du profit net réalisé dans une transaction non contrôlée comparable.</p>
<p><u>Ingingo ya 13: Uburyo bwo kugabagabana inyungu</u></p> <p>Uburyo bw'imikorere bwo kugabagabana inyungu nyakuri ku gikorwa cy'ubucuruzi bukoreshwa hagabanywa inyungu hagati y'abafitanye isano hashingiwe ku mpamvu z'ubukungu zifatika, hagereranywa igabana ry'inyungu n'igihombo byagizwe n'umuntu mu gikorwa cy'ubucuruzi kigenzurwa n'igabana ry'inyungu n'igihombo hagati y'abantu badafitanye isano.</p>	<p><u>Article 13: Transactional profit split method</u></p> <p>The transactional profit split method consists of splitting the profit between the related persons on an economically valid basis, comparing the division of profit and loss that a person achieves in a controlled transaction with the division of profit and loss between independent persons.</p>	<p><u>Article 13: Méthode transactionnelle du partage du bénéfice</u></p> <p>La méthode transactionnelle du partage du bénéfice consiste à partager le bénéfice entre les personnes liées sur des bases économiquement valides, en comparant le partage du profit et de la perte qu'une personne a réalisé dans une transaction contrôlée avec le partage du profit et de la perte entre les personnes indépendantes.</p>
<p>Iyo bishoboka kugena inyungu zikomoka ku ihiganwa risuye ku bikorwa bimwe bikorwa n'abafitanye isano mu rwego rw'igikorwa cy'ubucuruzi cyakozwe hakoreshejwe bumwe mu buryo bwemewe bwo gushyiraho ibiciro by'ihiganwa risuye, uburyo bwo kugabagabana inyungu nyakuri ku gikorwa cy'ubucuruzi bukoreshwa hashingiwe ku</p>	<p>If it is possible to determine an arm's length profits for some of the functions performed by related persons in connection with the transaction using one of the approved transfer pricing methods, the transactional profit split method is applied based on the common residual profit that results once such functions are so remunerated.</p>	<p>Lorsqu'il est possible de déterminer les profits résultant de la pleine concurrence pour certaines des fonctions exercées par les personnes liées dans le cadre de la transaction en utilisant l'une des méthodes reconnues, la méthode transactionnelle du partage des bénéfices est appliquée en se fondant sur le</p>

<p>igabana ry'inyungu rusange isigara nyuma yo kugenera igihembo ibyo bikorwa.</p> <p><u>Ingingo ya 14: Ikoreshwa ry'ubundi buryo</u></p> <p>Umuntu ashobora gukoresha ubundi buryo bwo gushyiraho ibiciro by'ihiganwa risesuye budateganyijwe mu ngingo ya 9, iya 10, iya 11, iya 12 n'ya 13 z'iri teka, iyo gusa ubuyobozi bw'imisero bwemeye ko:</p> <p>1° nta buryo na bumwe mu bwemejwe bushobora gukoreshwa mu kugaragaza ibisabwa mu ihiganwa risesuye ry'igikorwa cy'ubucuruzi kigenzurwa;</p> <p>2° ubwo buryo bundi butanga igisubizo gihuye n'icyari bugerweho n'abantu badafitanye isano bakora ibikorwa by'ubucuruzi bitagenzurwa mu bihe byagereranywa by'ibikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa.</p>	<p><u>Article 14: Use of alternative method</u></p> <p>A person may apply a transfer pricing method other than methods provided for in Articles 9, 10, 11, 12 and 13 of this Order, only if the tax administration is satisfied that:</p> <p>1° none of the approved methods may be reasonably applied to determine arm's length conditions for the controlled transaction;</p> <p>2° such other method yields a result consistent with that which would be achieved by independent persons engaging in uncontrolled comparable transactions under comparable circumstances of controlled transactions.</p>	<p>bénéfice résiduel combiné qui est obtenu après rémunération de ces fonctions.</p> <p><u>Article 14: Utilisation d'une méthode alternative</u></p> <p>Une personne peut appliquer une méthode de détermination des prix de transfert autre que celles prévues aux articles 9, 10, 11, 12 et 13 du présent arrêté, seulement si l'administration fiscale est convaincue que:</p> <p>1° aucune des méthodes approuvées ne peut être raisonnablement appliquée pour déterminer les conditions de pleine concurrence de la transaction contrôlée;</p> <p>2° cette autre méthode donne un résultat compatible avec celui qui serait obtenu par des personnes indépendantes effectuant des transactions comparables non contrôlées dans des circonstances comparables des transactions contrôlées.</p>
<p><u>Ingingo ya 15: Guhitamo umuntu wifashishwa mu kugeraranya urwunguko</u></p> <p>Iyo hakoreshwa uburyo bw'ikiguzi cyongereweho inyungu, uburyo bw'igiciro cyo kugurisha icyaguzwe cyangwa uburyo</p>	<p><u>Article 15: Selection of the tested party</u></p> <p>When applying a cost plus, resale price or transactional net margin method, it is compulsory to select the tested party to the</p>	<p><u>Article 15: Choix de la partie testée</u></p> <p>Lors de l'application de la méthode du coût majoré, du prix de revente ou celle de la méthode transactionnelle de marge nette, il</p>

<p>bw'inyungu nyakuri ku gikorwa cy'ubucuruzi, hagomba gutoranywa umuntu wifashishwa mu kugereranya urwunguko rw'igikorwa cy'ubucuruzi gisuzumirwaho ikimenyetso cy'imiterere y'imari kigasuzumwa hakoreshejwe uburyo buboneye bwo gushyiraho ibiciro by'ihiganwa risesuye.</p>	<p>transaction for which a financial indicator is tested under the most appropriate transfer pricing method.</p>	<p>faut sélectionner la partie testée à la transaction pour laquelle un indicateur financier est testé selon la méthode appropriée de détermination des prix de transfert.</p>
<p>Guhitamo umuntu wifashishwa mu kugereranya urwunguko bigomba kuba bifite aho bihuriye n'isesengura ry'imigendekere y'igikorwa cy'ubucuruzi.</p>	<p>The selection of the tested party must be consistent with the functional analysis of the transaction.</p>	<p>La sélection de la partie testée doit être conforme à l'analyse fonctionnelle de la transaction.</p>
<p>Iyo, bitewe n'umwihariko w'igikorwa cy'ubucuruzi gisuzumwa, uburyo buboneye bwo gushyiraho ibiciro by'ihiganwa risesuye bugenwe hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya 2 cy'iyi ngingo ari uburyo bureba uruhande rumwe, amakuru yerekeye imari areba umuntu wifashishwa mu kugereranya urwunguko aba akenewe, hatitawe ku kuba uwo muntu ari ikigo kiri mu Rwanda cyangwa mu mahanga.</p>	<p>If, depending on the circumstances of the case, the most appropriate transfer pricing method determined following the guidance referred to in Paragraph 2 of this Article is a one-sided method, financial information on the tested party is needed, irrespective of whether the tested party is a domestic or foreign entity.</p>	<p>Lorsque, compte tenu des circonstances du cas, la méthode de détermination des prix de transfert la plus appropriée déterminée suivant l'orientation visée à l'alinéa 2 du présent article est une méthode unilatérale, des informations financières sur la partie testée sont nécessaires, que cette partie testée soit une entité domestique ou étrangère.</p>
<p>Iyo uburyo buboneye bwo gushyiraho ibiciro by'ihiganwa risesuye ari uburyo bw'ikiguzi cyongereweho inyungu, uburyo bw'igiciro cyo kugurisha icyaguzwe cyangwa uburyo bw'inyungu nyakuri ku gikorwa cy'ubucuruzi, kandi umuntu wifashishwa mu kugereranya urwunguko ari ikigo cyo mu mahanga, hakenerwa amakuru ahagije kugira ngo hashobore gukoreshwa mu buryo bwizewe uburyo bwatoranyijwe ku muntu wifashishwa</p>	<p>If the most appropriate method is a cost plus, resale price or transactional net margin method and the tested party is the foreign entity, sufficient information is needed to be able to reliably apply the selected method to the foreign tested party and to enable a review by the tax administration of the application of the method to the foreign tested party.</p>	<p>Lorsque la méthode de détermination des prix de transfert la plus appropriée est celle du coût majoré, prix de revente ou méthode transactionnelle de la marge nette, et que la partie testée est l'entité étrangère, des informations suffisantes sont nécessaires pour pouvoir appliquer d'une manière fiable la méthode sélectionnée à cette partie testée étrangère et pour permettre l'examen par</p>

<p>mu kugereranya urwunguko wo mu mahanga no kugira ngo ubuyobozi bw'imisoro bushobore gusuzuma imikoreshereze y'ubwo buryo kuri uwo muntu.</p>		<p>l'administration fiscale de l'application de la méthode à la partie étrangère testée.</p>
<p><u>Ingingo ya 16: Intera y'ihiganwa risesuye</u></p>	<p><u>Article 16: Arm's length range</u></p>	<p><u>Article 16: Intervalle de pleine concurrence</u></p>
<p>Intera y'ihiganwa risesuye ni intera y'imibare igaragaza ikimenyetso cy'imiterere y'imari gisuzumwa, imibare iboneka hakoreshejwe uburyo buboneye bwo gushyiraho ibiciro by'ihiganwa risesuye ku bikorwa binyuranye bitagenzurwa bishobora kugereranywa, kandi bikageraranywa ku buryo bumwe ku gikorwa kigenzurwa hashingiwe ku busesenguzi bugereranya bukozwe hashingiwe ku biteganywa mu ngingo ya 4 y'iri teka.</p>	<p>An arm's length range is a range of relevant financial indicator figures produced by the application of the most appropriate transfer pricing method to a number of uncontrolled transactions, that are all comparable, and equally comparable to the controlled transaction based on a comparability analysis conducted in accordance with Article 4 of this Order.</p>	<p>Un intervalle de pleine concurrence est un intervalle de chiffres se rapportant aux indicateurs financiers concernés obtenus par l'application de la méthode de détermination des prix de transfert la plus appropriée à plusieurs transactions sur le marché libre, qui sont toutes comparables, et dont chacune a un degré équivalent comparable avec la transaction contrôlée, compte tenu d'une analyse de comparabilité effectuée conformément aux dispositions de l'article 4 du présent arrêté.</p>
<p>Iyo gukoresha uburyo buboneye bwo gushyiraho ibiciro by'ihiganwa risesuye bitanze ibimenyetso byinshi by'imiterere y'imari buri cyose gifite urugero rw'igereranya rwakoreshwa ku bikorwa bigenzurwa, kandi na byo bishobora kugeraranywa hagati yabyo, urwo rugero rukaba rutizewe, hakoreshwa uburyo bw'ibarurishamibare. Iyo hakoreshejwe ubwo buryo, intera yo hagati ni yo ifatwa nk'intera y'ihiganwa risesuye.</p>	<p>If the application of the most appropriate method results in a number of financial indicators for which the degree of comparability of each to the controlled transactions, and to each other, is uncertain, a statistical approach is used. If such an approach is used, the interquartile range is considered to be an arm's length range.</p>	<p>Si l'application de la méthode la plus appropriée donne lieu à un certain nombre d'indicateurs financiers pour lesquels le degré de comparabilité de chacun d'eux avec les transactions contrôlées et les uns avec les autres, est incertain, une approche statistique est utilisée. Si une telle approche est utilisée, l'intervalle interquartile est considéré être un intervalle de pleine concurrence.</p>
<p>Igikorwa cy'ubucuruzi kigenzurwa cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa</p>	<p>A controlled transaction or a set of controlled transactions that are combined are not</p>	<p>Une transaction contrôlée ou un ensemble de transactions contrôlées qui sont combinées ne</p>

<p>bikomatanyijwe ntibisaba gukorerwa ihuzwa iyo ikimenyetso cy'imari cya ngombwa cyakomotse kuri icyo gikorwa cy'ubucuruzi kigenzurwa cyangwa ku bikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa kandi bikaba byasuzumwe hakoreshejwe uburyo buboneye bwo gushyiraho ibiciro by'ihiganwa risesuye kiri mu ntera y'ihiganwa risesuye.</p> <p>Iyo ikimenyetso cy'imiterere y'imari cya ngombwa cyakomotse ku gikorwa cy'ubucuruzi kigenzurwa cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa bikomatanyijwe kitari mu ntera y'ihiganwa risesuye, inyungu isoreshwa ibarwa hakurikijwe ko ikimenyetso cy'imiterere y'imari cya ngombwa kiri hagati mu ntera y'ihiganwa risesuye.</p>	<p>subject to an adjustment where the relevant financial indicator derived from the controlled transaction or set of controlled transactions and being tested under the appropriate transfer pricing method is within the arm's length range.</p> <p>If the relevant financial indicator derived from a controlled transaction or from a set of controlled transactions that are combined falls outside the arm's length range, the taxable profit is computed on the basis that the relevant financial indicator is the median of the arm's length range.</p>	<p>font pas l'objet d'un ajustement lorsque l'indicateur financier pertinent qui résulte d'une transaction contrôlée ou d'un ensemble de transactions contrôlées et testées selon la méthode appropriée de détermination des prix de transfert est situé dans l'intervalle de pleine concurrence.</p> <p>Si l'indicateur financier approprié résulte d'une transaction contrôlée ou d'un ensemble de transactions contrôlées qui sont combinées se situe en dehors de l'intervalle de pleine concurrence, le bénéfice imposable est calculé sur base que l'indicateur financier pertinent est la médiane de l'intervalle de pleine concurrence.</p>
<p><u>Icyiciro cya 3: Inyandiko n'amakuru</u></p>	<p><u>Section 3: Documentation and information</u></p>	<p><u>Section 3: Documentation et information</u></p>
<p><u>Ingingo ya 17: Inyandiko</u></p>	<p><u>Article 17: Documentation</u></p>	<p><u>Article 17: Documentation</u></p>
<p>Uretse ibitabo, izindi nyandiko n'amakuru bisabwa n'amategeko agenga imisoro mu Rwanda, umuntu ukora ibikorwa bigenzurwa asabwa gushyiraho politiki y'iherekanya ry'ibiciro, gutegura no kubika inyandiko zigaragaza ko uburyo ibikorwa bigenzurwa byakozwemo mu gihe cy'isoresha bujyanye n'ihame ry'ihiganwa risesuye.</p>	<p>In addition to books, other records and information required by Rwandan tax laws, a person involved in controlled transactions is required to develop a transfer pricing policy, to prepare and keep the documentation that verifies that the conditions of its controlled transactions for the relevant tax period are consistent with the arm's length principle.</p>	<p>En plus des livres, autres documents et informations requis par la législation fiscale rwandaise, une personne impliquée dans des transactions contrôlées est tenue d'élaborer une politique de détermination des prix de transfert, de préparer et de tenir une documentation permettant de vérifier que les conditions de ses transactions contrôlées pour la période imposable concernée sont conformes au principe de pleine concurrence.</p>

<p>Politiki y'iherekanya ry'ibiciro ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo igomba kuba nibura ikubiyemo amakuru akurikira:</p> <p>1° ishusho rusange y'ibikorwa by'ubucuruzi bw'umusoreshwa n'imiterere yabwo;</p> <p>2° ibisobanuro by'imiterere y'itsinda umusoreshwa abarizwamo n'imbonerahamwe y'ibikorwa by'itsinda ry'amasosiyete;</p> <p>3° ibisobanuro rusange by'ibigo mpuzamahanga cy'ubucuruzi harimo:</p> <p>a. ibintu by'ingenzi bituma haboneka inyungu z'ubucuruzi;</p> <p>b. ibisobanuro ku ruhererekane rw'igemura ry'ibicuruzwa cyangwa serivisi bitanu (5) by'ingenzi by'itsinda ugereranyije n'igicuruzo rusange hiyongereyeho ibindi bicuruzwa cyangwa serivisi birengeje gatanu ku ijana (5%) by'igicuruzo rusange cy'itsinda;</p>	<p>The transfer pricing policy referred to in Paragraph One of this Article must include at least the following information:</p> <p>1° an overview of the taxpayer's business operations and their organisation;</p> <p>2° a description of the corporate organisational structure to which the taxpayer is a member and the corporate group's operational structure;</p> <p>3° a general description of multinational enterprise business including:</p> <p>a. important drivers of business profit;</p> <p>b. a description of the supply chain for the group's five (5) largest products or service offerings by turnover plus any other products or services amounting to more than five percent (5%) of group turnover;</p>	<p>La politique des prix de transfert visée à l'alinéa premier du présent article doit comporter au moins les informations suivantes:</p> <p>1° une vue d'ensemble des activités commerciales et organisationnelles du contribuable;</p> <p>2° une description de la structure organisationnelle du groupe dont le contribuable est membre et la structure opérationnelle du groupe de sociétés;</p> <p>3° une description générale de l'entreprise commerciale multinationale qui comprend:</p> <p>a. les facteurs clés de bénéfices commerciaux;</p> <p>b. une description de la chaîne d'approvisionnement pour les cinq (5) plus grandes offres de produits ou de services du groupe par chiffre d'affaires plus tout autre produit ou service représentant plus de cinq pour cent (5%) du chiffre d'affaires du groupe;</p>
--	--	--

<p>4° ibisobanuro birambuye ku bucuruzi n'ingamba z'ubucuruzi umusoreshwa yahisemo hakubiyemo n'ibigaragaza niba umusoreshwa yarakoze cyangwa yaragizweho ingaruka n'amavugururwa y'ubucuruzi cyangwa niba yaragurishije cyangwa yaraguze umutungo utagaragara mu mwaka ukorerwa igenzura cyangwa mu mwaka uwubanziriza kimwe n'ibisobanuro kuri ibyo bikorwa byagize ingaruka ku musoreshwa;</p>	<p>4° a detailed description of the business and business strategy pursued by the taxpayer including an indication whether the taxpayer has been involved in or affected by business restructurings or intangible transfers in the present or immediately preceding year and an explanation of such aspects on transactions that affect the taxpayer;</p>	<p>4° une description détaillée du commerce et de la stratégie commerciale poursuivies par le contribuable indiquant si le contribuable a été impliqué dans les restructurations du commerce ou les transferts incorporels ou affecté par les restructurations du commerce ou les transferts incorporels au cours de l'exercice en cours ou de l'exercice précédent ainsi qu'une explication des aspects sur les transactions qui affectent le contribuable;</p>
<p>5° urutonde rw'abahiganwa b'ingenzi n'umusoreshwa mu Rwanda kuri buri cyiciro gifatika cy'ibikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa umukoreshwa akora;</p>	<p>5° a list of the taxpayer's key competitors in Rwanda for each material category of controlled transactions in which the taxpayer is involved;</p>	<p>5° une liste des principaux concurrents du contribuable au Rwanda pour chaque catégorie matérielle de transactions contrôlées à laquelle le contribuable est impliqué;</p>
<p>6° ibisobanuro ku bikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa n'uburyo ibyo bikorwa by'ubucuruzi byakozwe harimo isesengura ry'ibishingirwaho mu igereranya;</p>	<p>6° a description of the controlled transactions and the context in which such transactions took place including an analysis of the comparability factors;</p>	<p>6° une description de transactions contrôlées et le contexte dans lequel ces transactions ont eu lieu y compris une analyse des facteurs de comparabilité;</p>
<p>7° igereranya rirambuye n'isesengura ku mikorere y'abantu bafitanye isano ku byerekeranye n'igikorwa cy'ubucuruzi kigenzurwa;</p>	<p>7° detailed comparability and functional analysis of the related persons in relation to the controlled transaction;</p>	<p>7° une comparabilité détaillée et analyse fonctionnelle des personnes liées en relation avec la transaction contrôlée;</p>
<p>8° ibisobanuro ku itoranya ry'uburyo buboneye bwo gushyiraho ibiciro</p>	<p>8° explanation of the selection of most appropriate transfer pricing method,</p>	<p>8° une explication du choix de la méthode de détermination des prix de</p>

<p>by'ihiganwa risesuye, ndetse, aho biri ngombwa, n'itoranywa ry'umuntu wifashishwa mu igereranywa ry'urwunguko n'ikimenyetso cy'imiterere y'imari;</p> <p>9° inshamake y'amakuru ajyanye n'imari yakoreshejwe mu buryo bwo gushyiraho ibiciro by'ihiganwa risesuye;</p> <p>10° inshamake y'ibyashingiweho by'ingenzi mu gukoresha uburyo bwo gushyiraho ibiciro by'ihiganwa risesuye;</p> <p>11° igisobanuro ku mpamvu zatumye hakorwa isesengura ry'imyaka myinshi;</p> <p>12° isesengura rigereranya ririmo:</p> <p>a. ibisobanuro ku buryo bwakoreshejwe mu kugaragaza ibikorwa by'ubucuruzi bitagenzurwa bigereranywa;</p> <p>b. ibisobanuro ku byashingiweho banga ibikorwa by'ubucuruzi by'imbere mu bucuruzi bitagenzurwa bigereranywa;</p>	<p>and, where relevant, the selection of the tested party and the financial indicator;</p> <p>9° a summary of financial information used in applying the transfer pricing method;</p> <p>10° a summary of the important assumptions made in applying the transfer pricing method;</p> <p>11° an explanation of the reasons for performing a multi-year analysis;</p> <p>12° comparability analysis including:</p> <p>a. description of the process undertaken to identify uncontrolled comparable transactions;</p> <p>b. explanation of the basis for the rejection of any potential internal uncontrolled comparable transactions;</p>	<p>transfert la plus appropriée et, le cas échéant, du choix de la partie testée et l'indicateur financier;</p> <p>9° une synthèse des informations financières utilisées dans l'application de la méthode de détermination des prix de transfert;</p> <p>10° une synthèse des hypothèses importantes retenues lors de l'application de la méthode de détermination des prix de transfert;</p> <p>11° une explication des raisons justifiant une analyse qui s'étend sur plusieurs années;</p> <p>12° une analyse de comparabilité qui comprend:</p> <p>a. la description du processus entrepris pour identifier les transactions comparables non contrôlées;</p> <p>b. l'explication du motif de rejet de toutes les transactions potentielles internes comparables non contrôlées;</p>
--	--	--

<p>c. ibisobanuro ku bikorwa by'ubucuruzi bitagenzurwa bigereranywa;</p> <p>d. isesengura ry'igereranya ry'ibikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa n'ibikorwa by'ubucuruzi bitegenzurwa bigereranywa;</p> <p>e. amakuru arambuye ku ihuzwa ry'igereranya ryakozwe;</p> <p>13° amakuru arambuye ku isesengura ry'uruganda, isesengura ry'ubukungu, ingengo y'imari cyangwa igenamigambi ryashingiweho;</p> <p>14° umwanzuro ku iyubahirizwa ry'ibisabwa mu bikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa n'ihame ry'ihiganwa risesuye, harimo n'amakuru arambuye ku ihuzwa ryakozwe hagamijwe iyubahirizwa ry'ibikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa n'ihame ry'ihiganwa risesuye;</p> <p>15° amakuru n'ingengabihe y'uburyo atangwa bigaragaza uburyo amakuru ajyanye n'imari yakoreshejwe mu buryo bwo gushyiraho ibiciro by'ihiganwa</p>	<p>c. description of the uncontrolled comparable transactions;</p> <p>d. analysis of comparability of the controlled transactions and the uncontrolled comparable transactions;</p> <p>e. detailed information on any comparability adjustments made;</p> <p>13° details of any industry analysis, economic analysis, budgets or projections relied on;</p> <p>14° a conclusion as to consistency of the conditions of the controlled transactions with the arm's length principle, including details of any adjustment made to ensure compliance;</p> <p>15° information and allocation schedules showing how the financial data used in applying the transfer pricing method may be tied to the annual financial statements;</p>	<p>c. la description des transactions comparables non contrôlées;</p> <p>d. l'analyse de la comparabilité des transactions contrôlées et des transactions comparables non contrôlées;</p> <p>e. les informations détaillées sur les ajustements de comparabilité effectués;</p> <p>13° les détails de toute analyse de l'industrie, analyse économique, des budgets ou des projections prise en compte;</p> <p>14° une conclusion quant à la conformité des conditions des transactions contrôlées avec le principe de pleine concurrence, y compris les détails de tout ajustement effectué pour assurer la conformité;</p> <p>15° les informations et calendriers d'allocation démontrant comment les données financières utilisées dans l'application de la méthode de détermination des prix de transfert</p>
---	--	---

<p>risesyuye ashobora guhuzwa n'ibitabo by'ibaruramari by'umwaka;</p> <p>16° inshamake y'ingengabihe z'amakuru ya ngombwa ajyanye n'imari ku bintu bigereranywa yakoreshejwe mu isesengura n'inkomoko z'aho ayo makuru yavuye.</p> <p>Inyandiko zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo zigomba kuba zigizwe nibura n'inyandiko zikurikira:</p> <p>1° kopi z'amasezerano yose yakozwe n'umusoreshwa ahuriweho n'ibigo bigize itsinda;</p> <p>2° raporo y'igihugu ku gihugu iyo ikigo umusoreshwa ashamikiyeho gisabwa gukora iyo raporo;</p> <p>3° ingengabihe y'ibikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa ifite ifishi yuzuzwa iri ku mugereka w'iri teka;</p> <p>4° indi nyandiko yose cyangwa amakuru akenewe kugira ngo hagaragazwe ko umusoreshwa yubahirije ihame ry'ihiganwa risesyuye ku birebana n'ibikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa.</p>	<p>16° a summary of schedules of relevant financial data for comparables used in the analysis and the sources from which that data was obtained.</p> <p>The documentation referred to in Paragraph One of this Article must include at least the following documents:</p> <p>1° copies of all material intercompany agreements concluded by the taxpayer;</p> <p>2° the country by country report where the ultimate parent of the taxpayer is required to prepare such a report;</p> <p>3° controlled transactions schedule with the model form annexed to this Order;</p> <p>4° any other documentation or information that is necessary for determination of the taxpayer's compliance with the arm's length principle with respect to the controlled transactions.</p>	<p>peuvent être liée avec les états financiers annuels;</p> <p>16° une synthèse des calendriers des données financières pertinentes pour les comparabilités utilisées dans l'analyse et les sources par lesquelles ces données ont été obtenues.</p> <p>La documentation visée à l'alinéa premier du présent article doit comprendre au moins les documents suivants:</p> <p>1° les copies de tous les accords matériels inter-entreprises conclus par le contribuable;</p> <p>2° le rapport de pays par pays lorsque l'ultime parent du contribuable est tenu de préparer un tel rapport;</p> <p>3° le calendrier des transactions contrôlées avec le formulaire modèle annexé au présent arrêté;</p> <p>4° toute autre documentation ou information qui est nécessaire pour la détermination de la conformité du contribuable au principe de pleine concurrence en rapport avec les transactions contrôlées.</p>
--	--	--

<p>Raporo y'igihugu ku gihugu isabwa mu gace ka 2° k'igika cya 3 cy'iyi ngingo igomba gutangwa bitarenze amezi cumi n'abiri (12) uhereye umunsi wa nyuma w'ibaruramari ry'umwaka ry'itsinda ry'ibigo mpuzamahanga by'ubucuruzi.</p> <p><u>Ingingo ya 18: Ururimi inyandiko zitangwamo</u></p> <p>Inyandiko zivugwa mu ngingo ya 17 y'iri teka zigomba gutangwa muri rumwe mu ndimi zemewe mu butegetsi bwa Repubulika y'u Rwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 19: Igihe cyo gutegura inyandiko</u></p> <p>Inyandiko zijyanye n'igihe cy'umusoro zigomba kuba zateguwe mbere y'itariki ntarengwa y'imenyekanisha ry'umusoro ku musaruro.</p> <p>Icyakora, inyandiko zerekeye imbonerahamwe rusange y'imiterere y'itsinda ry'amasosiyete umusoreshwa wo mu Rwanda abarizwamo, igaragaza abantu bafitanye isano bose, imigabane yabo n'imiterere y'ubuyobozi bwabo, igomba gushyikirizwa ubuyobozi bw'imisoro igihe umusoreshwa yiyandikisha.</p>	<p>The country by country report required in item 2° of Paragraph 3 of this Article must be filed not later than twelve (12) months after the last day of the reporting fiscal year of the multinational enterprises group.</p> <p><u>Article 18: Language of documentation</u></p> <p>Documentation referred to in Article 17 of this Order must be submitted in any of the official languages of the Republic of Rwanda.</p> <p><u>Article 19: Time for preparing documentation</u></p> <p>Documentation for a relevant tax period must be in place before the deadline of income tax declaration.</p> <p>However, the documents related to the global organisational structure of the group of companies to which a Rwandan taxpayer belongs, indicating all related persons, their shareholding and their management structure, must be submitted to the tax administration upon registration.</p>	<p>Le rapport de pays par pays exigé au point 2° de l'alinéa 3 du présent article doit être déposé au plus tard douze (12) mois après le dernier jour de l'exercice comptable du groupe d'entreprises multinationales.</p> <p><u>Article 18: Langue de documentation</u></p> <p>La documentation visée à l'article 17 du présent arrêté doit être soumise dans l'une des langues officielles de la République du Rwanda.</p> <p><u>Article 19: Temps de préparer la documentation</u></p> <p>La documentation relative à la période imposable donnée doit être disponible avant la date limite de la déclaration d'impôt sur le revenu.</p> <p>Toutefois, les documents relatifs à la structure organisationnelle globale du groupe des sociétés à laquelle le contribuable rwandais est associé, indiquant toutes les personnes liées, leurs actionnaires et la structure de leur gestion, doivent être soumis à l'administration fiscale au moment de l'enregistrement.</p>
---	--	---

<p>Hatitawe ku biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, inyandiko ivugwa mu gace ka 3 k'igika cya 3 cy'ingingo ya 17 y'iri teka igomba gushyikirizwa ubuyobozi bw'imisoro hamwe n'imenyekanisha ry'umusoro ku musaruro.</p> <p>Igihe cyose habaye impinduka mu nyandiko ivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, inyandiko ivuguruye igomba gushyikirizwa ubuyobozi bw'imisoro.</p> <p>Bitabangamiye ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, iyo abisabwe n'ubuyobozi bw'imisoro, umusoreshwa atanga inyandiko ziteganywa n'iri teka mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) ibarwa uherye ku itariki aboneyeho ubusabe bwanditse.</p> <p><u>Ingingo ya 20:</u> Abasoreshwa basonewe gutegura inyandiko</p> <p>Umusoreshwa ufite ibyacurujwe mu mwaka biri muni ya miliyoni magana atandatu z'amafaranga y'u Rwanda (600.000.000 FRW) ntasabwa gutegura inyandiko zivugwa mu ngingo ya 17 y'iri teka.</p> <p>Icyakora, kugira ngo umusoreshwa uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo asonerwe ku nshingano yo gutegura inyandiko, agomba kuba yarakoze ibikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa bifite agaciro kari muni ya miliyoni icumi</p>	<p>Notwithstanding the provisions of Paragraph One of this Article, the document referred to in point 3° of Paragraph 3 of Article 17 of this Order must be submitted to the tax administration together with the income tax declaration.</p> <p>In case of modification on documentation referred to in Paragraph 2 of this Article, the updated version must be submitted to the tax administration.</p> <p>Without prejudice to provisions of Paragraph One of this Article, upon request by the tax administration, the taxpayer provides the documentation referred to in this Order within seven (7) days from the date of receipt of the written request.</p> <p><u>Article 20:</u> Taxpayers discharged from the obligation to prepare documentation</p> <p>A taxpayer with an annual turnover below six hundred million Rwandan francs (FRW 600,000,000) is not required to prepare the documentation referred to in Article 17 of this Order.</p> <p>However, to be discharged from the obligation to prepare documentation, a taxpayer referred to in Paragraph One of this Article must have made controlled transactions with the value below ten million</p>	<p>Nonobstant les dispositions de l'alinéa premier du présent article, le document visé au point 3° de l'alinéa 3 de l'article 17 du présent arrêté doit être soumis à l'administration fiscale avec la déclaration d'impôt sur le revenu.</p> <p>En cas d'une modification sur la documentation visée à l'alinéa 2 du présent article, la version mise à jour doit être soumise à l'administration fiscale.</p> <p>Sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier du présent article, à la demande de l'administration fiscale, le contribuable fournit la documentation visée dans le présent arrêté endéans sept (7) jours à compter de la date de réception de la demande écrite.</p> <p><u>Article 20:</u> Contribuables libérés de l'obligation de préparer la documentation</p> <p>Les contribuables dont le chiffre d'affaires annuel est inférieur à six cent millions de francs rwandais (600.000.000 FRW) ne sont pas tenus de préparer la documentation visée à l'article 17 du présent arrêté.</p> <p>Toutefois, pour être libérés de l'obligation de préparer les documents, les contribuables visés à l'alinéa premier du présent article doivent avoir effectué des transactions contrôlées de valeur inférieure à dix millions</p>
---	---	---

<p>z'amafaranga y'u Rwanda (10.000.000 FRW) cyangwa agaciro mbumbe k'ibikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa bakoze kari muni ya miliyoni ijana z'amafaranga y'u Rwanda (100.000.000 FRW).</p> <p>Umusoreshwa wasonewe inshingano yo gutegura inyandiko zivugwa mu ngingo ya 17 y'iri teka ategetswe kubahiriza ihame ry'ihiganwa risesuye.</p> <p><u>Ingingo ya 21:</u> Inkomoko y'amakuru ku bikorwa by'ubucuruzi bitagenzurwa bigereranywa</p> <p>Inkomoko y'amakuru ku bikorwa by'ubucuruzi bitagenzurwa bigereranywa zirimo:</p> <p>1° ibikorwa bitagenzurwa byo mu bucuruzi bw'umusoreshwa iyo umwe mu barebwa n'igikorwa cy'ubucuruzi kigenzurwa anakora igikorwa cy'ubucuruzi kitagenzurwa;</p> <p>2° ibikorwa by'ubucuruzi bitagenzurwa byo hanze y'ubucuruzi bw'umusoreshwa, bikaba ari ibikorwa by'ubucuruzi bitagenzurwa bitagizwemo uruhare n'umwe mu bakora igikorwa cy'ubucuruzi kigenzurwa.</p>	<p>Rwandan francs (FRW 10,000,000) or with an aggregate value below one hundred million Rwandan francs (FRW 100,000,000).</p> <p>A taxpayer discharged from the obligation to prepare documentation referred to in Article 17 of this Order must comply with the arm's length principle.</p> <p><u>Article 21:</u> Sources of information on uncontrolled comparable transactions</p> <p>Sources of information on uncontrolled comparable transactions include:</p> <p>1° internal uncontrolled transactions of a taxpayer, if one of the parties to the controlled transaction is also a party to the uncontrolled transaction;</p> <p>2° external uncontrolled transactions of a taxpayer, which are uncontrolled transactions to which none of the parties to the controlled transaction is a party.</p>	<p>de francs rwandais (10.000.000 FRW) ou d'une valeur globale inférieure à cent millions de francs rwandais (100.000.000 FRW).</p> <p>Les contribuables libérés de l'obligation de préparer la documentation visée à l'article 17 du présent article doivent respecter le principe de pleine concurrence.</p> <p><u>Article 21:</u> Sources d'information sur les transactions comparables non contrôlées</p> <p>Les sources d'information sur les transactions comparables non contrôlées incluent:</p> <p>1° des transactions non contrôlées internes du contribuable, si l'une des parties à la transaction contrôlée est également partie à la transaction non contrôlée;</p> <p>2° des transactions non contrôlées externes du contribuable, qui sont des transactions non contrôlées à laquelle aucune des parties à la transaction contrôlée n'est partie.</p>
---	---	---

<p>Amakuru ajyanye n'igikorwa cy'ubucuruzi kitagenzurwa kigereranywa cyo hanze y'ubucuruzi bw'umusoreshwa, ntashingirwaho n'ubuyobozi bw'imisoro ku mpamvu y'ihuzwa ry'ibiciro iyo umusoreshwa adafite ayo makuru.</p>	<p>Information concerning a comparable external uncontrolled transaction is not relied upon by the tax administration for the purposes of making an adjustment of prices if the information is not available to the taxpayer.</p>	<p>Les informations relatives à une transaction externe comparable non contrôlée ne sont pas prises en compte par l'administration fiscale aux fins de procéder à un ajustement des prix si les informations ne sont pas mises à la disposition du contribuable.</p>
<p>Amakuru ajyanye n'igikorwa cy'ubucuruzi kitagenzurwa kigereranywa ntashingirwaho n'umusoreshwa nk'impamvu yo kugaragaza iyubahirizwa ry'igikorwa cy'ubucuruzi n'ihame ry'ihiganwa risesuye iyo ubuyobozi bw'imisoro budafite ayo makuru.</p>	<p>Information concerning a comparable uncontrolled transaction is not relied upon by the taxpayer for the purposes of demonstrating the compliance of a transaction with arm's length principle if the information on the transaction is not available to the tax administration.</p>	<p>Les informations relatives à une transaction comparable non contrôlée ne sont pas prises en compte par le contribuable aux fins de démontrer la conformité d'une transaction au principe de pleine concurrence si les informations sur la transaction ne sont pas mises à la disposition de l'administration fiscale.</p>
<p>Iyo nta gikorwa cy'ubucuruzi kitagenzurwa kigereranywa kiboneka mu Rwanda, umusoreshwa cyangwa ubuyobozi bw'imisoro ashobora kwifashisha ibikorwa by'ubucuruzi bigereranywa byo mu mahanga mu isesengura ry'iherekanya ry'ibiciro ry'umusoreshwa.</p>	<p>Where no comparable uncontrolled transaction is available in Rwanda, the taxpayer or the tax administration may use foreign country comparable transactions in taxpayer's transfer pricing analysis.</p>	<p>Lorsqu'il n'y a pas de transaction comparable non contrôlée au Rwanda, le contribuable ou l'administration fiscale peut utiliser les transactions comparables de l'étranger dans l'analyse de transfert des prix du contribuable.</p>
<p>Kwemeza niba ibikorwa by'ubucuruzi bigereranywa byo mu mahanga byashingirwaho, bikorwa hashingiwe ku mwihariko wa buri gikorwa cy'ubucuruzi.</p>	<p>Determination of reliable comparables from a foreign country is made on a case-by-case basis.</p>	<p>La détermination de la fiabilité des comparabilités étrangères est effectuée sur base d'un cas par cas.</p>
<p>Umusoreshwa cyangwa ubuyobozi bw'imisoro bakoresha ibikorwa by'ubucuruzi bigereranywa bagomba gusesengura ingaruka ziterwa n'itandukaniro ry'aho ibikorwa byabereye</p>	<p>The taxpayer or the tax administration using comparable transactions must analyse the impact of geographic differences and other factors contributing to changes of prices such as:</p>	<p>Le contribuable ou l'administration fiscale qui utilisent des transactions comparables doivent évaluer les effets des différences géographiques et d'autres facteurs</p>

<p>n'ibindi bintu bigira uruhare mu ihinduka ry'ibiciro nka:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° amahitamo y'abaguzi; 2° ikiguzi cy'ubwikorezi; 3° urwego rw'ihiganwa ku isoko; 4° imitandukanire y'amahame y'ibaruramari. <p><u>Ingingo ya 22: Uburyo serivisi hagati y'abantu bafitanye isano zikurikiza ihiganwa risesuye</u></p> <p>Amafaranga yishyurwa kuri serivisi hagati y'umusoreshwa n'umuntu bafitanye isano afatwa nk'akurikije ihiganwa risesuye iyo:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° yishyuwe kuri serivisi yatanzwe; 2° serivisi igirira akamaro, cyangwa mu gihe yatangwaga yagombaga kugirira uyihabwa akamaro ko mu rwego rw'ubukungu cyangwa rw'ubucuruzi kugira ngo ubucuruzi bwe burusheho gutera imbere; 3° yishyuwe kuri serivisi umuntu udafitanye isano n'undi, mu buryo no 	<ol style="list-style-type: none"> 1° consumer preferences; 2° transport cost; 3° market competition level; 4° differences in accounting standards. <p><u>Article 22: Consistency of services between related persons with the arm's length principle</u></p> <p>A service fee between a taxpayer and a related person is considered consistent with the arm's length principle if:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° the fee is charged for a service that is actually rendered; 2° the service provides, or when rendered was expected to provide, the recipient with economic or commercial value to enhance its commercial position; 3° the price is charged for a service that an independent person in comparable 	<p>contribuant aux changements des prix tels que:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° les préférences des consommateurs; 2° le coût de transport; 3° le niveau de la concurrence au marché; 4° les différences des normes de comptabilité. <p><u>Article 22: Conformité des services entre personnes liées selon le principe de pleine concurrence</u></p> <p>Le coût de service entre un contribuable et une personne liée est considéré comme conforme au principe de pleine concurrence si:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° il est établi au titre d'un service effectivement rendu; 2° le service procure au bénéficiaire, ou était supposé lui procurer au moment où il a été rendu, un avantage économique ou commercial qui améliore sa situation commerciale; 3° il est établi au titre d'un service pour lequel une personne indépendante
---	---	--

<p>mu bihe bimwe yari kwifuza kwishyura kuri iyo serivisi mu gihe ayihawe n’undi muntu badafitanye isano cyangwa yashoboraga kuba yarikoreye mu bucuruzi bwe bwite;</p> <p>4° umubare wayo ungana n’uwashoboraga kumvikanwaho hagati y’abantu badafitanye isano kuri serivisi zisa n’izatanzwe mu bihe byagereranywa.</p> <p>Icyakora, amafaranga yishyuwe umuntu kuri serivisi ntaba akurikije ihame ry’ihiganwa risesuye iyo yishyuwe umuntu bafitanye isano hashingiwe gusa ku nyungu zifitwe n’umunyamigabane mu kigo kimwe cyangwa byinshi bigize itsinda, harimo n’amwe mu mafaranga akurikira yishyuwe cyangwa ibikorwa byakozwe n’uwo bafitanye isano:</p> <p>1° amafaranga cyangwa ibikorwa byerekeye imiterere y’urwego rw’ubutabera rw’isosiyete nkuru y’umuntu ufitanye isano n’undi, nk’inama z’abanyamigabane b’isosiyete nkuru, itangwa ry’imigabane rikorewe mu isosiyete nkuru n’amafaranga atangwa ku nama ngenzuzi y’isosiyete ishamikiweho n’indi;</p>	<p>circumstances would wish to pay for such a service if performed by an independent person or would have performed in-house for itself;</p> <p>4° its amount corresponds to that which would have been agreed between independent persons for comparable services in comparable circumstances.</p> <p>However, a service charge paid to a person is inconsistent with the arm’s length principle if it is paid by a related person solely because of the shareholder’s ownership interest in one or more other group members, including any of the following costs incurred or activities undertaken by such related person:</p> <p>1° costs or activities relating to the juridical structure of the parent company of the related person, such as meetings of shareholders of the parent, issuing of shares in the parent company and costs of the parent company’s supervisory board;</p>	<p>agissant dans des circonstances comparables aurait été disposée à payer une personne indépendante ou qu’elle aurait réalisée en interne pour son propre compte;</p> <p>4° son montant correspond à celui qui aurait été convenu entre des personnes indépendantes pour des services comparables dans des circonstances comparables.</p> <p>Toutefois, le coût de services à une personne n’est pas considéré comme conforme au principe de pleine concurrence s’il est établi par une personne liée uniquement du fait de la participation de l’actionnaire au capital d’un ou plusieurs autres membres du groupe, y compris au titre des catégories suivantes de coûts encourus ou d’activités exercées par cette personne liée:</p> <p>1° les coûts ou les activités se rattachant à la structure juridique de la société mère de la personne liée, tel que des réunions des actionnaires de la société mère, l’émission des actions de la société mère et les coûts de fonctionnement du conseil de supervision de la société mère;</p>
--	---	---

<p>2° amafaranga cyangwa ibikorwa byerekeye ibisabwa mu itangwa rya raporo z'isosiyete nkuru y'umuntu ufitaneye isano n'undi, harimo n'ihuzwa rya raporo;</p> <p>3° amafaranga cyangwa ibikorwa bijyanye no gushaka amafaranga agamije gushaka inyungu mu rwego rw'imigabane, uretse igihe izo nyungu zabonywe mu buryo buziguye cyangwa butaziguye n'umuntu ufitaneye isano n'undi n'igihe izo nyungu zabonywe cyangwa zari zitezwe kubonwa n'uwo muntu.</p> <p>Iyo bishoboka kumenya serivisi zatanzwe n'umusoreshwa ku muntu bafitaneye isano, birakwiye kwemeza niba amafaranga yatanzwe kuri serivisi akurikije ihame ry'ihiganwa risesuye kuri buri serivisi yihariye.</p> <p>Iyo umusoreshwa ahaye abantu benshi batandukanye bafitaneye isano serivisi kandi bikaba bidashoboka kumenya serivisi zahawe buri wese muri bo, amafaranga yose yatanzwe kuri serivisi asaranganywa mu bantu bafitaneye isano bafite inyungu cyangwa bizeye kubona inyungu muri serivisi zatanzwe, hakurikijwe ibishingirwaho byumvikana mu gusaranganya.</p>	<p>2° costs or activities relating to reporting requirements of the parent company of the related person, including the consolidation of reports;</p> <p>3° costs or activities related to raising funds for the acquisition of participations, unless those participations are directly or indirectly acquired by the related person and the acquisition benefits or is expected to benefit that first-mentioned person.</p> <p>If it is possible to identify specific services provided by a taxpayer to a related person, the determination whether the service charge is consistent with the arm's length principle for each specific service is needed.</p> <p>When services are rendered by a taxpayer jointly to various related persons and it is not possible to identify specific services provided to each of them, the total service charge is allocated among the related persons that benefit or expect to benefit from the services according to reasonable allocation criteria.</p>	<p>2° les coûts ou les activités en rapport avec les exigences de rapportage de la société mère de la personne liée, y compris la consolidation de rapports;</p> <p>3° les coûts ou les activités se rattachant à la levée de capitaux nécessaires à l'acquisition de participations, sauf si ces participations sont acquises directement ou indirectement par la personne liée et si cette acquisition procure un avantage réel ou escompté à celle-ci.</p> <p>Lorsqu'il est possible d'identifier des services spécifiques rendus par un contribuable à une personne liée, il convient de déterminer si les frais de service sont conformes au principe de pleine concurrence pour chaque service spécifique.</p> <p>Lorsqu'un contribuable rend des services collectivement à plusieurs personnes liées et qu'il n'est pas possible de distinguer les services spécifiques rendus à chacune d'elles, la facturation totale doit être répartie entre les personnes liées qui tirent avantage ou escomptent tirer avantage de ces services selon des critères de répartition raisonnables.</p>
--	---	--

Ingingo ya 23: Ibikorwa birebana n'umutungo udafatika	Article 23: Transactions involving intangible property	Article 23: Transactions impliquant les biens incorporels
<p>Mu kugena ibisabwa n'ihame ry'ihiganwa risesuye ku bikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa birimo kubyaza umusaruro umutungo udafatika ni ngombwa kwita ku masezerano yakozwe no kuri ibi bikurikira byerekeranye no guteza imbere, gutunganya, kubungabunga, kurengera no kubyaza umusaruro umutungo udafatika:</p>	<p>The determination of arm's length conditions for controlled transactions involving the exploitation of an intangible asset must take into account the contractual arrangements and the following factors with regard to the development, enhancement, maintenance, protection and exploitation of the intangible assets:</p>	<p>La détermination des conditions de pleine concurrence pour des transactions contrôlées impliquant l'exploitation d'un actif incorporel doit prendre en compte les dispositions contractuelles et les facteurs suivants en ce qui concerne le développement, l'amélioration, l'entretien, la protection et l'exploitation des actifs incorporels:</p>
<p>1° imirimo yakozwe n'umuntu ufitanye isano n'undi;</p>	<p>1° functions performed by the related person;</p>	<p>1° les fonctions exécutées par la personne liée;</p>
<p>2° imicungire n'imigenzurire y'iy mirimo;</p>	<p>2° management and control of those functions;</p>	<p>2° la gestion et le contrôle de ces fonctions;</p>
<p>3° uruhare rw'umuntu ufitanye isano n'undi ku mutungo harimo n'umutungo mu by'imari;</p>	<p>3° contribution of assets by the related person including financial assets;</p>	<p>3° la contribution des actifs par la personne liée y compris des actifs financiers;</p>
<p>4° imicungire n'imigenzurire bijyanye n'uruhare rugizwe n'umutungo harimo n'umutungo mu by'imari;</p>	<p>4° management and control regarding the contribution of assets including financial assets;</p>	<p>4° la gestion et le contrôle concernant la contribution des actifs y compris des actifs financiers;</p>
<p>5° ingaruka zirengerewe n'umuntu ufitanye isano n'undi;</p>	<p>5° risks assumed by the related person;</p>	<p>5° les risques assumés par la personne liée;</p>
<p>6° imicungire n'imigenzurire y'ingaruka zivugwa mu gace ka 5° k'iki gika;</p>	<p>6° management and control of risks referred to in item 5° of this Paragraph;</p>	<p>6° la gestion et le contrôle de risques visés au point 5° du présent alinéa;</p>

<p>7° ubushobozi bwo mu rwego rw'imari bwo kwirengera ingaruka.</p> <p>Iyo amasezerano anyuranya n'ibishingirwaho bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, hitabwa kuri ibyo bishingirwaho mu kugena inyungu z'ihiganwa risesuye zikomoka ku kubyaza umusaruro umutungo udafatika.</p> <p>Mu kugena ibisabwa n'ihiganwa risesuye ku bikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa bireba impushya, igurisha cyangwa ubundi buryo bwo guhererekanya umutungo udafatika hagati y'abantu bafitanye isano harebwa icyari kigamijwe n'uwawutanze n'icyari kigamijwe n'uwawakiriye harimo by'umwihariko kureba ibiciro abantu badafitanye isano bari kuwutangaho, agaciro n'akamaro k'uwo mutungo udafatika mu bucuruzi bw'uwawakiriye.</p> <p>Mu gushyira mu bikorwa ibiteganywa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo ku bijyanye n'igikorwa cy'ubucuruzi kireba uruhushya, igurisha cyangwa ubundi buryo bwo guhererekanya umutungo udafatika, ibi byihariye bya ngombwa bikurikira bijyanye n'igereranya ry'ibikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa n'ibitagenzurwa byitabwaho:</p>	<p>7° financial capacity to assume the risks.</p> <p>If the contractual arrangements diverge from the factors listed in Paragraph One of this Article, consideration is taken on those factors in determining the arm's length reward from the exploitation of the intangible assets.</p> <p>The determination of arm's length conditions for controlled transactions involving licenses, sales or other transfers of intangible property between related persons takes into account both the perspective of the transfer or of the property and the perspective of the transferee, including in particular, the pricing at which a comparable independent person would be willing to transfer the property and the value and usefulness of the intangible property to the transferee in its business.</p> <p>In applying the provisions of Paragraph 3 of this Article to a transaction involving a license, sale or other transfer of intangible property, any of the following special factors relevant to the comparability of the controlled and uncontrolled transactions are considered:</p>	<p>7° la capacité financière à assumer les risques.</p> <p>Si les dispositions contractuelles divergent des facteurs énumérés à l'alinéa premier du présent article, on tient compte de ces facteurs lors de la détermination de la rémunération de pleine concurrence afférente à l'exploitation des biens incorporels.</p> <p>La détermination de conditions de pleine concurrence pour des transactions contrôlées impliquant des licences, des ventes ou les autres transferts de biens incorporels entre personnes liées tient compte des points de vue du cédant et du cessionnaire du bien en question, y compris en particulier le prix auquel une personne indépendante comparable serait disposée à transférer le bien ainsi que de la valeur et de l'utilité de ce bien incorporel au cessionnaire dans son commerce.</p> <p>Lorsqu'on applique les dispositions de l'alinéa 3 du présent article à une transaction impliquant une licence, une vente ou tout autre transfert de bien incorporel, les facteurs spécifiques pertinents suivants de la comparabilité des transactions contrôlées et des transactions non contrôlées sont considérés:</p>
--	---	---

<p>1° inyungu zitezwe ku mutungo udafatika;</p> <p>2° izindi nyungu z'ubucuruzi uwaguze cyangwa uwahawe uruhushya rwo gukoresha umutungo udafatika yawubonamo;</p> <p>3° imbogamizi zishingiye aho ubucuruzi bukorerwa zibangamira ishyirwa mu bikorwa ry'uburenganzira ku mutungo udafatika;</p> <p>4° imiterere y'uburenganzira bwaba bwihariwe n'uwawuhawe cyangwa abusangiye n'abandi;</p> <p>5° kumenya niba uweguriwe umutungo udafatika afite uburenganzira bwo gufatanya n'uwawumweguriye kuwongerera agaciro.</p> <p>Iyo bigoye kugena agaciro k'umutungo udafatika, ubuyobozi bw'imisoro bushobora kwifashisha agaciro k'ibyakomoka kuri uwo mutungo nyuma nk'agaciro wari ufite mbere y'amasezerano ba nyir'umutungo bakoranye.</p>	<p>1° the expected benefits from the intangible property;</p> <p>2° the commercial alternatives otherwise available to the acquirer or licensee derived from the intangible property;</p> <p>3° any geographic limitations on the exercise of rights to the intangible property;</p> <p>4° the exclusive or non-exclusive character of the rights transferred;</p> <p>5° whether the transferee has the right to participate in further developments of the intangible property by the transferor.</p> <p>If the intangible assets are hard to value, the tax administration may consider ex-post outcomes as presumptive evidence of the <i>ex-ante</i> pricing arrangements.</p>	<p>1° les avantages attendus du bien incorporel;</p> <p>2° les alternatives commerciales autrement disponibles à l'acquéreur ou au preneur de licence provenant du bien incorporel;</p> <p>3° les éventuelles restrictions géographiques à l'exploitation des droits afférents au bien incorporel;</p> <p>4° le caractère exclusif ou non exclusif des droits transférés;</p> <p>5° la question de savoir si le cessionnaire a le droit de participer aux développements ultérieurs du bien incorporel par le cédant.</p> <p>Si les actifs incorporels sont difficiles à évaluer, l'administration fiscale peut considérer les résultats <i>a posteriori</i> ou <i>ex post</i> comme la preuve présomptive des arrangements de prix <i>ex-ante</i>.</p>
--	--	---

<p><u>Icyiciro cya 4: Ihuzwa ry'ibiciro rya ngombwa</u></p> <p><u>Ingingo ya 24: Ihuzwa ry'ibiciro rya ngombwa mu gihe hatubahirijwe ihame ry'ihiganwa risesuye</u></p> <p>Iyo umusoreshwa atubahirije ihame ry'ihiganwa risesuye kandi ikinyuranyo kikaba kigabanya cyangwa gisubika umusoro w'umwaka umusoreshwa yagombaga gutanga, umusaruro usoreshwa ugomba kubarwa nk'aho igikorwa cy'ubucuruzi cyakozwe mu buryo bwubahirije ihame ry'ihiganwa risesuye.</p> <p><u>Ingingo ya 25: Ihuzwa rikurikiza ibikorwa by'ubucuruzi by'imbere mu gihugu</u></p> <p>Iyo ihuzwa rikozwe n'ubuyobozi bw'imisoro ku musaruro usoreshwa w'umusoreshwa rijyanye n'igikorwa cy'ubucuruzi cy'imbere mu gihugu, ubuyobozi bw'umusoro bukora ihuzwa rikwiye ku musaruro usoreshwa w'urundi ruhande rurebwa n'igikorwa cy'ubucuruzi.</p> <p><u>Ingingo ya 26: Ihuzwa rikurikiza ibikorwa by'ubucuruzi mpuzamahanga</u></p> <p>Ihuzwa rikurikiza ibikorwa by'ubucuruzi mpuzamahanga rikorwa iyo:</p>	<p><u>Section 4: Necessary adjustments of prices</u></p> <p><u>Article 24: Necessary adjustments of prices in case of non-compliance with the arm's length principle</u></p> <p>If a taxpayer fails to comply with the arm's length principle and the noncompliance has the effect of reducing or deferring the taxpayer's tax liability for the tax year, the taxable income must be computed as if the conditions of transaction were consistent with the arm's length principle.</p> <p><u>Article 25: Corresponding adjustments for domestic transactions</u></p> <p>If an adjustment is made by the tax administration to the taxable income of a taxpayer in relation to domestic transaction, the tax administration makes an appropriate adjustment to the taxable income of the other party to the transaction.</p> <p><u>Article 26: Corresponding adjustments for international transactions</u></p> <p>Corresponding adjustments for international transactions are made when:</p>	<p><u>Section 4: Ajustements nécessaires des prix</u></p> <p><u>Article 24: Ajustements nécessaires des prix en cas de non conformité du principe de pleine concurrence</u></p> <p>Lorsque le contribuable ne se conforme pas au principe de pleine concurrence et que ce non-respect a pour effet de réduire ou de reporter son impôt à payer pour l'année d'imposition, le revenu imposable doit être calculé comme si les conditions de la transaction étaient conformes au principe de pleine concurrence.</p> <p><u>Article 25: Ajustements correspondants aux transactions nationales</u></p> <p>Lorsqu'un ajustement est effectué par l'administration fiscale sur le revenu imposable d'un contribuable en relation avec une transaction nationale, l'administration fiscale procède à un ajustement approprié du revenu imposable de l'autre partie à la transaction.</p> <p><u>Article 26: Ajustements correspondants aux transactions internationales</u></p> <p>Les ajustements correspondants aux transactions internationales sont opérés lorsque:</p>
---	--	--

<p>1° ihuzwa ry'ibisabwa mu bikorwa by'ubucuruzi hagati y'umuntu utuye mu Rwanda n'uwo bafitanye isano bikorwa cyangwa bigasabwa n'ubuyobozi bw'imisoro bwo mu gihugu cy'amahanga;</p> <p>2° ihuzwa rituma umusaruro w'umuntu utuye mu Rwanda usoresherezwa mu mahanga kandi waramaze gusoresherezwa mu Rwanda;</p> <p>3° igihugu gikora cyangwa gisaba ihuzwa gifitanye amasezerano n'u Rwanda agamije kvanaho gusoresha kabiri.</p> <p>Ubuyobozi bw'imisoro, bubisabwe n'umuntu utuye mu Rwanda, busuzuma niba ihuzwa rikurikije ihame ry'ihiganwa risesuye, bukanavugana iyo ari ngombwa n'urwego rubifitiye ububasha rw'ikindi gihugu.</p> <p>Iyo ihuzwa ryasabwe cyangwa ryakozwe n'ikindi gihugu rikurikije ihame ry'ihiganwa risesuye, ubuyobozi bw'imisoro bukora ihuzwa rikurikiza umubare w'amafaranga y'umusoro waciwe ku nyungu z'umusoreshwa mu Rwanda hagamijwe kvanaho gusoresha kabiri.</p>	<p>1° an adjustment to the conditions of transactions between a person resident in Rwanda and a related person is made or proposed by a tax administration of a foreign country;</p> <p>2° an adjustment results in the taxation in that other country of an amount of income on which the person resident in Rwanda has already been charged to tax in Rwanda;</p> <p>3° a country making or proposing the adjustment has a treaty with Rwanda that reflects an intention to provide for the relief of economic double taxation.</p> <p>The tax administration, upon request by a person resident in Rwanda, examines the consistency of that adjustment with the arm's length principle consulting as necessary with the competent authority of the other country.</p> <p>If the adjustment proposed or made by the other country is consistent with the arm's length principle, the tax administration makes a corresponding adjustment to the amount of the tax charged in Rwanda on the profits of the taxpayer in order to eliminate the economic double taxation.</p>	<p>1° un ajustement des conditions de transactions entre une personne résidant au Rwanda et une personne liée est effectuée ou proposée par une administration fiscale d'un pays étranger;</p> <p>2° un ajustement résulte d'une taxation que le montant du revenu sur lequel la personne résidente au Rwanda a déjà été soumise à l'impôt au Rwanda se retrouve imposé dans cet autre pays;</p> <p>3° un pays qui effectue ou propose l'ajustement a conclu une convention avec le Rwanda qui a pour objet d'éliminer la double imposition économique.</p> <p>L'administration fiscale, sur demande de la personne résidant au Rwanda, examine la conformité de cet ajustement avec le principe de pleine concurrence, en consultant si nécessaire l'autorité compétente de l'autre pays.</p> <p>Si l'ajustement effectué ou proposé par l'autre pays est conforme au principe de pleine concurrence, l'administration fiscale procède à un ajustement correspondant au montant de l'impôt perçu au Rwanda sur les bénéficiaires du contribuable, afin d'éliminer la double imposition économique.</p>
---	--	---

<p>Ubusabe buvugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo bugomba kuba bukubiyemo amakuru ya ngombwa yafasha ubuyobozi bw'imisoro gusuzuma ko ihuzwa ryakozwe n'ubuyobozi bw'imisoro bwo mu mahanga ryubahirije ihame ry'ihiganwa risesuye.</p> <p><u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 27: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u></p> <p>Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 28: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>The request under Paragraph 3 of this Article must include the information necessary for the tax administration to examine the consistency of the adjustment made by the tax administration of the other country with the arm's length principle.</p> <p><u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 27: Repealing provision</u></p> <p>All prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><u>Article 28: Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>Une demande en vertu de l'alinéa 3 du présent article doit inclure les informations nécessaires pour permettre à l'administration fiscale d'examiner la conformité de l'ajustement effectué par l'administration fiscale de l'autre pays avec le principe de pleine concurrence.</p> <p><u>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES</u></p> <p><u>Article 27: Disposition abrogatoire</u></p> <p>Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.</p> <p><u>Article 28: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	---	---

<p>Kigali, ku wa</p> <p>Dr NDAGIJIMANA Uzziel Minisitiri w’Imari n’Igenamigambi</p>	<p>Kigali, on</p> <p>Dr NDAGIJIMANA Uzziel Minister of Finance and Economic Planning</p>	<p>Kigali, le</p> <p>Dr NDAGIJIMANA Uzziel Ministre des Finances et de la Planification Économique</p>
<p>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</p> <p>BUSINGYE Johnston Minisitiri w’Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</p> <p>BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General</p>	<p>Vu et scellé du Sceau de la République:</p> <p>BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p>